

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA
N'AYISUMBUYE

UBUYOBOZI BUKURU BW'UBUSHAKASHATSI
BW'UBUHANGA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA

4

IGITABO CY'UMWARIMU

Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza
n'iz'Agamije Amajyambere y'Imyuga

Mata 1983



BYANDIKIWE MURI REJI YICAPIRO RY'AMASHURI
B.P. 1347 KIGALI Tél. 821 36

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISTERI Y'AMASHURI ABANZA

N'AYISUMBUYE

UBUYOBOZI BUKURU BW'UBUSHAKASHATSI
BW'UBUHANGA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA

4

IGITABO CY'UMWARIMU

Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza
n'iz'Agamiye Amajyambere y'Imyuga

Mata 1983

Iki gitabo cy'umwami mu w'umwaka wa kane ni imwe mu mfasahanyigisho zigomba gutuma inyigisho z'ikinnyarwanda zorohera abanyeshuri. Gishingirye ku gitabo cy'umunyeshuri kuko gikubiyemo ibisobanuro by'imyandiko ili mull icyo gitabo. Kucyigisha cyonyine rero byaba ari ukwikoza ubusa. Mbese ubundi umuntu yagihera he? Amagambo mashya, ingingo izi n'izi n'indi myitozo wabyigisha ubikuye ku wuhe mwandiko?

Ikindi kandi, si ngombwa gukubikira ubikillimo uko byakabaye, ngo ukubire mu mwandiko umwe cyangwa mu isomo limwe ibikwiye kwigirwa mu myandiko myinshi no mu masomo menshi. Nk'utwatumye ntwatwigishisha icyalimwe, cyangwa interuro ngo yigishishizwe limwe n'ibihye by'inshinga byose.

Twanditse iki gitabo dukubikije nanone integanyanyigisho n'imbonemasomo bigenewe uyu mwaka. Urasangamo imyitozo yo gusoma, kuvuga, kwandika, isesenguramwandiko. Iki bonemasomo na cyo giteho uruhare ruini: uturemajamba, inteko zamazina, ntera, inshinga n'ibihye bikuru byayo (indagihye, inzagihye, inzagihye n'impitagihye).

Ngaho rero Mwami ahasigaye ni ahawe; kandi ufite icyo utwungura, wakitugezaho, kuko nawe usanganywe ubuhanga mu kwigisha.

Iki gitabo cyanditswe na

N. NZEYIMANA Monika
NKERAMIHIGO Yohani
MURERA Yohani Batisita
KAMALI Alufonsi

Ababashije kugitunganya ni
NTAWEZA Timoteyo
RWAMAMARA Mariko
KARANI Yohani Bosiko

ISHAKIRO

7	1. Umunsi wa mbere w'ishuri
11	2. Ikinyabupfura
13	3. Kwitwaza inkoni
15	4. Umusaza n'abuzukuru be
17	5. Inshuti nyanshuti
20	7. Ubulyalya bwa Bakame (igice cya mbere)
21	8. Ubulyalya bwa Bakame (igice cya kabiri)
23	9. Umurage w'abavandimwe batatu
26	10. Umuwizi Mama
27	11. Umugore w'umutindi nyakujya
29	12. Umunyamerwe
31	13. Nyiranda
33	14. Intare n'urukwavu
38	15. Urugongoyongo
39	16. Mutima muke wo mu rutiba
41	18. Ikirura na Bwiza
43	19. Inka
44	20. Ikirura n'umwana w'intama
45	21. Ingwe
47	22. Imbwa n'intama
51	23. Korora inkoko
53	24. Impyisi n'ihene
55	26. Ibihe by'akanda mu Rwanda
57	27. Ngarama na Saruhara
61	28. Ubworozi
63	29. Imyumbati
64	30. Ubwoba bw'innyamaswa
67	31. Isazi n'uruyuki
68	32. Umunyeshuri mwiza
73	33. Ikiganiro cya Kalima na Mugenzi

Impugukirwa : Iyi myandiko itondetse ikubikije igitabo cy'umunyeshuri.

1. UMUNSI WA MBERE WISHULI

1.1. Gusoma no gusobanura amagambo.

Abanyeshuri babanze basome umwandiko bucece, bandike amagambo abakomeraye. Abazazi bayasobanuriye bagenzi babo, aruhanyije Mwalimu ayabasobanuriye ubwe. Urugero rw'amagambo yaba akomeye:

twiboneje : twitunganyije, twifashhe neza.

twishyize ku murongo ugororotse.

byanze bikunze : nta kabuza, uko byamera kose.

kubimbullira abandi : kujya imbere yabo.

kubabanzilliza, kubatanga.

kirahimbaye : ni cyiza rwose, kirarusha ibindi byose ubwiza, kirahembuje. arangwa n'isuku : ahorana isuku.

ibintu by'ingenzi : bya mbere na mbere, ngombwa.

ubwenge burarahurwa : ubwenge umuntu abukura ku bandi, ku bo babana, mu byo abona, mu byo yumva, mu

bikorwa aha n'aha ...

Ntiwaba ukwawe kwa wenyine ngo wungure

ubwenge.

Isobanura iy'amagambo n'irangira, Mwalimu abanze asomere umwandiko abanyeshuri, babone na bo gusoma umwe umwe, baranguruye ijwi, bakuramwa kandi bakosorana.

1.2. Ibibazo bituma umwandiko urushaho kumvikana.

1) Erekana ko uliya munyeshuri yakundaga kwiga.

2) Ni iki kitwemeza ko ari umuhanga ?

3) Aho yinjijiyeye mu mwaka wa kane yumvise ameze ate ? Soma interuro ihamya igisubizo cyawe.

4) Vuga ibimenyetso byose byatumye dushimba uliya munyeshuri.

5) Umunyeshuri igihugu kimushakaho iki ? Agomba kumalira iki ababyeyi ?

6) Tubwire uko ubona akamaro k'ishuri.

7) Mbese uliya munyeshuri yemeje inama Mwalimu yabagiriye ?

8) Hitamo interuro zihuje n'umwandiko:

a. Mwalimu yabwiyeye abanyeshuri ko bagomba guhuguka mu ishuri.

b. Mwalimu yahaye abanyeshuri uruhushya rwo gukererwa.

c. Mwalimu ati « kwifata nabi ntacyo bitwaye! »

d. Mwalimu ati « mugomba gusubira mu byo mwiga. »

1.3. Umwitozo w'inyunguramagambo.

Uzujisha izi nteruro amagambo akwiye kandi ari mu mwandiko umaze kwigwa :

- 1) Umuntu w' ahururira iteka ibintu bishya.
- 2) Emwe ko amanota angana ayo azatuma wimuka!
- 3) Ko nduzi mwese nk'abatashye ubukwe ?
- 4) Ngaho abandi bagukukikire.
- 5) Ngomba kuzimuka ... kuko ntaranga aba cumi.
- 6) Amashuri aba meza ari menshi, iliyacu icyo
- 7) Banyeshuri, mujye n'isuku n'ubwitonzi.
- 8) Iby' mu byo twiga ni imibare, ikinyarwanda, igitaransa n'ibidukikije.
- 9) Humura sinzibagirwa.

Ibisubizo :

1. amatsiko
2. nzarore
3. mwiboneje
4. fata iya mbere
5. byanze bikunze
6. irahimbaye
7. murangwa
8. ingenzi
9. nalitaye mu gutwi

1.4. Uwatuzo (tuzigishwa buhoro buhoro, mu myandiko myinshi).

Igihembwe cya gatatu nticyatinda ; ndangiza ndi uwa mbere. (1)
 Ikinyabupfura kigaragaza uburere bwiza ; abanyeshuri bajye babyi-buka. (2)

Mw : Izi nteruro zombi zihuye ku ki ?

Sh : Zifite zombi ingingo ebyiri.

Mw : Zifitanye sano ki ?

Sh : Ziruzuzanya kuko iya kabiri isongera iya mbere.

Mw : Zitandukanyijwe n'iki ?

Sh : N'akamenyetsa k'akabago kafi hejuru y'akitsa.

Mw : Ako katuzo kitwa akabago n'akitsa. (3) ;

Nabonye ibintu byinshi muri icyo shuri ishya : intebe, ibitabo, amashusho. (3)

Byanze bikunze ndajya mu wa kane : mfitse amanota meza, ibyo badutumye byose nabizanye, imyaka na yo sinyirengeje. (4)

Mw : Interuro (3) iratubwira iki ?

Sh : Irarondora ibintu biri mu ishuri ishya.

Mw : Interuro (4) iratumenyeshya iki ?

Sh : Iratubwira impamvu zose zituma ukiya munyeshuri agomba kwimuka.

Mw : Ni akahwe katuzo gashya kazillimo ?

Sh : Ni utubago tubiri dusa n'utugerekeranye.

Mw : Genda utwandikire ku kibaho. :

Nti « emwe nanjye nzarore ! » (5)

Umwalimu aratubwira ati « murangije umwaka wa gatatu, none mutangirye uwa kane. » (6)

Mw : Izi nteruro zombi ziraturwira iki ?

Sh : Ibyavuzwe.

Mw : Hari icyo bahinduye ho ?

Sh : Oya, amagambo asubiwemo uko yavuzwe.

Mw : Utumenyetsa dutangira ayo magambo ni utwuguruzo, utuyasozza ni utwugalizwa, « cyangwa »

Ibiruhuko bimbera birebire (iminsi mironko itandatu) ! (7)

Ubuho mfata iya mbere (nari uwa mbere), n'ya mu mwanza wanjye. (8)

Mw : Muri izi nteruro hari utumenyetsa dukoresheya no mu mibare.

Genda utwandikire ku kibaho. ()

Mw : Twatwaga udukubwira, baratugoteshya. Hari ubwo igisobanuro cy'inyongera bakigoteshya akanyerezo (—). Uvuga icyo gisobanuro acishya iwi bugufi yarangiza agasubira ku iyitso yahoranye.

— Uvuye mu ishuri ? (9)

— Mvuye yo. (10)

— Wimukiye uwa kangaha ? (11)

— Uwa kane.

Mw : Izi nteruro (9, 10, 11, 12) twazitanye zose hamwe ?

Sh : Ni akaganiro.

Mw : Kuki ?

Sh : Kuko ari umuntu usubiza undi.

2. KINYABUPFURA

ibigamiye : Kwiyungura amagambo.
Kumenya bimwe mu migenzereze ya
kinyarwanda.
Kwandika nta kosa ikinyarwanda.

2.1. Gusoma (reba 1.1.)

2.2. Inyunguramagambo

Kwandavura
: Kwiyandaliika, kwifata nabi: ugakora ibintu
bibi bikugayisha, bikagusebya, bikagutשה
icyubahiriro.
: Imigenzo myiza igaragallira mu bikorwa no mu
myitatre.
Nk'umwana akifatana neza, akumvira, agafasha
abandi...
: Ibi jambo abantu bali sobanura kwishyi, aliko
ugasanga inyito zimwe zidasobanuye neza.
Bamwe bagira bati « ni amashyo ngore, inka
nyishyi zibyara zikorokoka. »
Abandi bati « ni amashongore (soma nka
« amabwiza »), ari yo masunzu maremare
y'abakobwa. » Ubivugaga ababwiza uwo
yikiriye abakobwa, bagakobwaga inka, nyir'uku-
banyara agatungaga. Abandi bati « amasho-
ngore (mu bumwe ishongore, soma nka
« abantu bo ») ni bicubya by'amata bikoze
mu ibumba. » Biruse ubunini iminoga.

Iyi nsobanuro umuntu yayihitamo kuko
nta shyamba lili, iyitaye iy'ijamba nti ihindukaga,
kandi rero umuntu akwifurije gutungaga nawe
nkamwifuriza amata yuzuye ibicubya, ibyifuzo
byanyu byaba ari mahwi.

Igiteye ishozi
Kurambirana
Guhubuka
Impugu
: gutinda ahanu bigatuma bakwinubwa.
: kuvugaga cyangwa gukora ikintu utabanye
gutakereza cyangwa kwibaza.
: akarere, igihugu.
urugero: Muhiyo mpugu y'iwanyu imvura
iragwa?

Mw: Ikimenyetso cyerekana ko basubizanya ni (—), cyitwa
akanyererezo. Gashobora no gukoresha icyo barondora
ibintu ku murongo, bamanuka, kagasimbura akitsa.
Urugero: Nabonye byinshi:

- ishuli
- umwalmu
- ibitabo
- amashusho (13)

Nali mfitse amatsiko yo kumenya imibare, igitaransa, ikinyarwanda ...
byigishwa mu mwaka wa kane. (14)

Mw: Iyi nteruro irondoye ibyigwaga mu mwaka wa kane byose?
Sh: Oya, yawuzemo bimwe, ibindi irabiyihorera.
Mw: Akatuzo kaberekanaga ni akaha?

Sh: Ni utubago dutatu.
Mw: Twitwaga uturagaga ... Iyo ugeze aho twanditse,
ubigaragaza mu iwi (Atange urugero.)

Abanyeshuli nibamara kwandika mu makaye yabo ziliya nteruro
z'ingero bakore iyi myitozo:

- Gushyira utwato z'umwami utwato twizwe.
- Gushyira utwato mu nteruro Mwalmu yatanze.
- 1. Umunsi wa mbere wishuli urashimisha
- 2. Kera nigaga mu wa gatatu none ndi mu wa gatanu
- 3. Mbese bavuze abimuka n'abasibira
- 4. Genda wa mwalmu we uligisha
- 5. Gusubiza neza si uguhubuka ni ugutangira igisubizo nyakuli
cy'ibyabajijwe
- 6. Ntishabaga amaso haba umugisha
- 7. Ni byo koko abize muba muzi byinshi
- 8. Mwalmu araterura ati mugomba kujya mutegaga amatwi ibyo
mbabwira
- 9. Kalisa ntaherekejwe na nyirarume wa wundi w'umunyeshuli
aherekejwe na kambali
- 10. So ni nde
- 11. Nagize amahirwe mbona ibyo nashakaga amasaka
- 12. Ubwo naku nako reka nicecekerere
- 13. Ngo bakwitwaga umunsi mukuru bate

Bakagura inyama imigati amayoga

Urungano : abo mungana cyangwa se mujya kunganya imyaka.
Uramwimukira : umuha umwanya, umubisa ku ntebe, urahaguruka we akicara aho wali ulli.
icyo ugaye : icyo udashima, ikitakunyuze.
icyabangamira abandi : icyabuza abandi kumererwa neza.

Umwitozo.

Abanyeshuli bakoresha mu nteruro nyinshi amagambo yose bungukiye mull uyu mwandiko.

2.3. Subiza ibi bibazo

- 1) Ziliya ndamukanyo zose zihuye ku ki ?
- 2) Kuki abakirisitu baramukanyaga ngo Yezu akuzwe ?
- 3) Ugiye gusura abandi apfa kwiroha mu nzu yabo ?
- 4) Umushyitsi yakirwa ate ? We ubwe yifata ate mu bushyitsi bwe ?
- 5) Rondora ingingo z'ingenzi zerekeye ikinyabupfura zili mull uyu mwandiko.
- 6) Kuki ikinyabupfura ari ngombwa ?
- 7) Tugomba kugira ikinyabupfura gihe ki ?
- 8) Umunyeshuli agaragaza ate ko afitse ikinyabupfura ?

2.4. Iyandikisha (igika cya 3)

Mwali mu abanze asomere abanyeshuli uwo mwitozo (ikinyabupfura ... cyiza), abone kubandikisha interuro imwe imwe. Nibarangiza kwandikisha yongere abasomere; hakulikireho ikosora. Umwe mu banyeshuli ashobora gukorera uwo mwitozo ku kibaho, bakawukosorera hamwe mu ishuli. Uyu mwitozo ugamije gutuma abanyeshuli bakora amakosa ngo babatware amanota !

3. KWITWAZA IKONI

3.1. Gusoma (reba 1.1.)

3.2. Inyunguramagambo

Bisunga inkoni : Bifashisha inkoni, barayishyirakiriza, barayicumba.
Kwishyirakiriza : Kwiyambaza ikintu kikakuramira.
Urugero: Ishyirakiriza icyo nkoni dore haranyerera.
Umusaza yishyirakiriza ikibando.
— Gukura imbaraga kuli iki n'iki, ukaba wanakigira urwitwazo.
Urugero: Ibyo urabikora wishyirakiriza iki ?
Binogeze amaso : ari ibyiza, bishimishije.
Umuntu w'uruti rwiza : Uteye neza.

3.3. Gusubiza ibibazo

1. Kuki abantu benshi batacyitwaza inkoni ? Abakiyitwaza ni bande ?
2. Vuga akamaro k'inkoni.
3. Ngo udukoni tw'abakobwa tumera dute ?
4. Uzulisha inshinga kwiyeye iyi nteruro: Reka rero udukoni tw'abakobwa twa ... !

3.4. Ikihonezamuugo

- a) turakomeye
- b) turahimbye
- c) ni turetuye
- d) ni uduti
- e) baratwitwaza

Ikigamiye — gusobanukirwa n'inshoza (igitekerezo cy'ingenzi cyerekeye iki n'iki, wakomoraho ibindi.)
— Gutandukanya amagambo yubumwe n'ubwinski.

Duhere kuli aya magambo

umusaza umwe (1)
 abasaza benshi (2)

inka imwe (1)
 inka nke (2)

ikigoli kimwe (1)
 ibigoli bitanu (2)

Tuvuge ko bakubwiye bati « hitamo umubare ushaka. » Niba ushaka kimwe, uzahitamo (1) gusa. Niba ushaka gutubura, uzahitamo (2) gusa. Amagambo (1) yose ahi mu bumwe, (2) ahi mu bwishyi, kandi yose avuga ibintu bibalika.

Hahho amagambo ahora mu bwishyi ntagire ubumwe.

Ingero : amajyambere

amatwara
 inzuzi
 ubugabo
 amazi
 ubwenge
 ubusore
 ubukumi
 ubuki

Muli uliya mwandiko hafi amagambo amwe ahi mu bumwe cyangwa mu bwishyi.

Ubumwe

inkoni
 ishyamba
 umuliima
 umuhinzi
 isuka
 umuntu
 umugenzi
 urugendo
 intara

Ubwishyi

abasaza
 abakecuru
 ibimuga
 abashumba
 udukoni
 abakobwa
 uduseke
 amabara
 amaso ...

Umwitozo

— Shaka muli uliya mwandiko amagambo atagira ubumwe.
 — Shyira aya magambo mu bumwe cyangwa mu bwishyi :

umworozi	amasaka	umwaka	ishaka
abana	ibishuhe	umwaka	ishaka
imyunyu	icyangwe	inkoko	urutungu
uburo	inzuzi	amatwi	ahantu
umuheto	umuheto		

5. INSHUTI NYANSHUTI

5.1. IBIAZO KU BIMAZE GUSOMWA

1. Uyu mugabo Ndebe yali afitse inshuti zingaha ?
— yali afitse inshuti eshatu.
2. Iyabaye inshuti nyanshuti ni iyihe ?
— ni Mutunamuka kuko yamweretse ko no mu byago atamutererana.
3. Ni iki cyeretse Ndebe ko abo bandi batali inshuti nyakuli ?
— Abandi baramwitariye, -bamwereka ko bamushyigikira mu byishimo gusa, ibyago byaza bakamuhunga.
4. Wowe icyo uza kuba inshuti ya Ndebe, wari kubigenza ute ?
5. Muri uyu mwandiko ukuyemo iyihe nama ?

5.2. GUSOBANURA AMAGAMBO

- **Inka ya Musoni** : ni izina ry'iyi nka. Ubwo ni ko nyirayo yali yarayise.
 - **Kugwillira** : gutungura.
 - **Gukunda urumamo** : Gukunda by'akanya gato.
 - Igihunga : Ubwoba butuma umuntu ahubuka.
- Koresha aya magambo mu nteruro :

- Kugwillira
- Gukunda urumamo
- Igihunga

5.3. KIBONEZAMVUGO : izina

a. izina icyo ari cyo

- Dusome izi nteruro, maze twitegereze alya magambo aciyeho akarongo.

1) **Ndebe** yenze **inzoga**, atumira **inshuti** ze.

2) **Nzamurambaho** yahaye Ndebe inka.

3) Wa **mugabo** yishe ihene, ayihambira mu **kirago**.

1) Ndebe aya magambo aratumenyeshya ibivugwa ibyo ari

Nzamurambaho byo : ni abantu.

Umugabo
Inshuti

2) Inzoga na yo aratumenyeshya ibivugwa ibyo ari byo : ni ibintu.

3) Inka na yo aratumenyeshya ibivugwa ibyo ari byo : ni inyamaswa.

Aya magambo yose ariya ibi ni ibi mu bintu : **iyi ni iyi** cyangwa **izi ni izi** mu nyamaswa, **uyu n'uyu** cyangwa **aba n'aba** mu bantu. Amagambo yose yita abantu, ibintu, inyamaswa bavugaga ko ari **amazina**.

Ibintu, inyamaswa n'abantu bitite amazina ; kandi umuntu wese, ikintu cyose n'inyamaswa yose dusanga bitite amazina.

Umwitozo : Mumpye ingero zamazina muzi.

inyamaswa	umwana	ingero : umwana
imisozi	aballimu	
Ayese!	Kigali	
ubwenge, Mudatunguha ...	ikintu	

Impugukirwa : Abanyeshuri bazatangira ingero nyinshi zitari izi.

b. izina bwite n'izina rusange

Noneho dusuzume n'iyi nteruro yindi :

Ndebe yaherekejwe na Nzamurambaho kuko yatinyaga guhulira na Rwabwiga muri Gishwati.

Ndebe, Nzamurambaho ni amazina yihaliwe n'abantu bazwi, batuye cyangwa bali batuye ahantu aha n'aha. **Ni amazina bwite.**

« Rwabwiga » ni izina yihaliwe intare kubera ibyo bayizihohoye.

biyitandukanya n'izindi nyamaswa.

Ni izina bwite.

7. UBULTALYA BWA BAKAME (igice cya mbere)

7.1. Kumva neza ibyasomwe

- 1) Ni iki cyatumye inyamaswa zibuzwa Bakame kunywa amazi?
- 2) Ayo mazi zali zarayakuye he?
- 3) Zabigenzaga zite kugira ngo Bakame itayiba?
- 4) Kuki Bakame yagiye kwanduranya inywa amazi kandi ngo yali ifite ubuki?

7.2. Gusobanura amagambo n'ibitekerezo by'umwandiko

- Kera izuba iyaracanye : — amapfa yarateye
- imvura yarabuze
- Gutukura : Gutunganya iiba, kuliukura.
- Ibyegera by'umwami : abaton! nk'inzovu n'izindi nyamaswa nini kandi zifite amakare, zishyikira ku ntare.
- Amazi atutse : amazi meza amara inyota.
- Yicira isazi mu jisho : yashonje.
- Kumugara : kudashobora gukora kubera indwara imilimo myinshi
- ubusaza, impanuka, ingwiiiiizi ...
- Kunogoza : kumara icyo wanywaga.
- urugero : Muhu icyo gicuma, ako kagwa akanogozemo.
- Kugotomera : kunywa uba uba ufite inyota cyangwa ukulikiranye ubulyohe.
- Gutwara agahigo : kurusha ishema n'ubutwari.

• Irakama : imigezi, inkono,

byashizemo amazi.

Mugenzi arakama inka, ibene...

8 UBULTALYA BWA BAKAME (igice cya kabiri)

8.1. Kumva neza ibimaze gusomwa

- 1) Ni iyihe nyamaswa yashoboye gutahura amayeli ya Bakame?
- 2) Yabigenje ite?
- 3) Ni ikihe gihano yahawe?
- 4) Vuga amayeli yakoresheje kugira ngo ikire icyo gihano.
- 5) Uliya mugani « icyizere kiraza amasinde » waciliwe nde? Kuki?
- 6) Gira icyo uvuga kuli uyu mwandiko

- Ni iki kigushimishije cyane?
- Ni iki udashimye?

8.2. Gusobanura amagambo y'umwandiko

- Gutahura : — guhishura
- kuvumbura
- kumenya
- Gusodoka : kugenda gahoro gahoro (utava aho ugi).
- Kwihotagura : kwigorora, kwivunagura (Umwallimu ashobora kubayera abanyeshuri).
- Zikibereye mu kinwanwa : mu biganiro, wumva urusaku gusa kubera ko zavugaga ari nyishi kandi zikavugira ibimwe, ukaba wagira ngo ni isoko.
- Kumanjirwa : kubura icyo uvuga cyangwa icyo ukora kubera ikimwari.
- Mu ndiri : aho inkwavu zitaha.
- Inyamaswa zimwe na zimwe zibera mu isenga.

8.3. Gusesengura umwandiko (igice cya mbere n'icya kabiri)

1. Vuga ahantu hose hakwerekana ubulyalya bwa Bakame.
2. Nyuma y'uyu mwandiko, umwana azabazwa kuvuga amazina y'inyamaswa zivugwamo.
- Halli Bakame ari wo rukwavu (twibuke ko rufata ibyo zina kubera ubulyalya bwarwo).
- Impyisi ari yo bakunda kwita Bibehe.
- Akanyamasyo kagenda buhoro cyane.
- Intare, umwami w'ishyamba, yo bayita « Rwabwiga ».
- Halli n'izindi ariko zitavugwamo mu mazina.

3. Abanyeshuli bazashaka amazina y'izindi nyamaswa, bishobotse Mwalimu yajya azibereka ku bishushanyo.

Ingero : — inzovu

— ingwe

— impongo

— urusamagwe

— impage

— ingeragere...

4. Akanyamasyo ni ko kaje gutahura Bakame, nyamara byali byarananiye izindi nyamaswa; twagacira uwuhe mugani?

« ubugabo si ubutumbi ».

5. Kuvuga inshinga zili mu mwandiko zihindura inyito iyo bazongeyeho ibyuzuzo binuranye.

Urugero : Gusoma — igitabo

— inzoga

— impyisi.

6. Guhina uyu mwandiko mu nyandiko.

9. UMRAGE W'ABAVANDIMWE BATATU

9.1. Ibibazo bigamije kumwisha ko ibyasomwe byakulikwiye.

1) Ni iki cyatumye uwo mugabo batubwira yohereza abana be mu mahanga?

2) Bageze yo bakora iki?

3) Kuki ibyo bakoze bagombye kubyerereka umwami?

4) Vuga icyo buhizi bwana yerekanye (uvuge mu magambo make uko byagenze).

5) a) Ni ibihe shimwe babonye ibyo birangiyeye?

b) Ni nde warazwe ya nzu ya se? Kuki?

9.2. Gusobanura amagambo n'ibitekerezo by'umwandiko

— Nyina akaba yarashajye: yarapfuye, atakihoh. Bavuga ko umuntu yashajye cyane cyane icyo yari ajeze mu zabukuru.

— Kuragwa: guhabwa na so cyangwa se n'undi alya gupita. icyo kintu cyitwaga umurage.

— Umwana w'imuna: umwana uvutse mbere. Bamwita umwana w'ubwiza.

Umukulikiye bamwita ubuheta. Uwa gatanu ni ubuheture. Naho uwo barangijijeho kubayara bamwita umuherezezi cyangwa bucura.

— icyatwa: ikirangirire, uzwi cyane kubera ibikorwa bitangajye.

— Kumasha: kurushanwa kuboneza.

— Inyundo barazina: bazitashya hasi.

— Igisongoro: igiti gisongoye. Abatwaga barakirashishaga.

— Abantu kajibana: abantu benshi cyane.

— Kuzinga uruti: kudahamya neza, ugakomaho gusa.

— Guhuzaguliika: gukora ibyo utazi cyangwa se udashoboye aliko utazi aho ushakira.

9.3. Imyitozo

1) Kuvuga mu magambo make ibili mu mwandiko.

2) Buri mwana azatekerezeza abandi inkuru y'umuntu wakijijwe n'umwuga yaba azi. (Ushobora kubwa umugani yari aze; ubwo roho azawuca.)

3) Kongera kuli buhi nshinga, ibyuzuzo 2, 3 cyangwa 4 binyuranye no

gusobanura icyo bivuga :

- Guca
- Kuzinga
- Kubaza
- Guhura
- Gushika.

9.4. Guhina umwandiko mu nyandiko

Urugero : Umugabo yabaye aho ari umukene, ntacyo yagiraga uretse inzuzi yari atuyemo. Yahoraga yibaza uko azayigabanyaga abahungu be batatu, kuko abasekuruza bari baramubujuje kuyigushya. Aza gutekereza maze yohereza abo bahungu mu mahanga kwiga imyuga ngo uzarushe abandi azabe ari we uragwa icyo nzu. Ba basore bagaruka ari abahanga mu myuga bize, bese batsindira intego umwami yatanze. Se ariyeyi, bese baragwa ya nzu, bakomeza kubana neza bikorera imyuga yabo.

9.5. Ubumwe n'ubwinski.

- Kubanza gusomesha umwandiko wose.
- Twitegereze icyi nteruro : 1) Habayeho umugabo akagira abana batatu.

2) Abo bahungu bagiyeye mu bindi bihugu.

Iyo uwo mugabo aza kugira umwana umwe, icyi nteruro zari guhinduka, tukavugaga : 1) Habayeho umugabo akagira umwana. (1)
2) Uwo muhungu yagiyeye mu kindi gihugu.

- Twitegereze ayo mazina ari mu icyi nteruro uko ari enye.
Ayo mazina turabona ko ahinduka icyo umubare wibintu cyangwa wabantu urenze imwe.

Dore ingero zamazina dusanga mu icyi umwandiko :

Umugabo	1	2
Umwana		Abana
Umunsi		Abahungu
Umucuzi		Abasekuruza
Inzu		Ibihugu
Inama		

Amazina ari mu ruhushya rwa mbere arerekana ikintu kimwe cyangwa umuntu umwe ; ayo mazina rero ari mu bumwe.

Naho amazina ari mu ruhushya rwa kabiri, yo arerekana ibintu byinshi cyangwa abantu benshi ; ayo mazina rero ari mu bwinski.

- Dushyire amazina ari mu ruhushya rwa mbere mu bwinski.

Turabona : Umwana	Abana	Petero	ba Petero
Umugabo	Abagabo	Kigali	za Kigali
Umunsi	Iminsi		
Inzu	Inzu		
Umucuzi	Abacuzi		
Inama	Inama		

- Dushyire noneho amazina ari mu ruhushya rwa kabiri mu bumwe.

Ba Yohani

Abana
Abahungu
Abasekuruza
Ibihugu
umwana
umuhungu
umusekuruza
igihugu.

— Amazina byite ubwayo ntahinduka mu bumwe no mu bwinski, ariko icyo ushaka kumwisha ko umubare w'icyo ushaka kuvugaga wahindutse, wongeraho akandi kajamba.

Urugero : Yohani Remera za Remera.

- Halli amazina ahinduka icyo ukuyeye mu bumwe, uyashyira mu bwinski.
Urugero : Umugabo abagabo

- Halli nandi adahinduka, icyo ukuyeye mu bumwe uyashyira mu bwinski.
Urugero : inama inama yakoresheje inama nyinshi mu uku kwezi.

Icyerekana ko ijamba « inama » iri mu bwinski, ni ijamba riyana na icyo mu nteruro : nyinshi.

- Halli ayandi agira ubwinski bunyuranye: Urugero: inzu inzu nyinshi amazu menshi.

9.6. Imyitozo

1. Gushaka amazina yose ahi mu gice gisigaye cy'umwandiko. Kuyatandukanya ahi mu bwinski, ahi no mu bumwe.
2. Ereka amazina ahi mu bumwe n'ah mu bwinski.

— imisoto	— inyanya	— intoki	— gishanga
— umwambi	— akaboko	— urutoki	— amapfa
— inka	— amaguru	— igitoki	— Ndaruhitse
— interuro	— umujinya	— abakobwa	— Uwera
— umusanzu	— uburakali	— umwenda.	

10. ULI MWIZA MAMA

10.1. Gusobanura amagambo

- Gutaka inzu: kuyigira neza binogeze ijisho.
- Gutaka umuntu: kumuvugaho ibyiza byinshi.
- Gutaka: Kuba mu mlimo idatuma ugira ikindi ukora, kwibagirwa.
- Guhugana: Kugira icyo uba kikubuzza amahoro wahi wifitiye.
- Guturaba: kwambika, gutwikira.
- ikibondo cyanyije: umwana wanyije.

Impugukirwa: Mwalimu azaboneraho abwirye abanyeshuri amazina bita umwana bitewe n'ikigero agezemo: uruhinja — igisekeramwanzi — igitambambuga n'andi.

- ubusire
- Nyampinga
- Impano n'impahamure
- Ituze
- umucyo
- uramira abamutungutseho.
- icyo umpa n'ikinikura umutima.
- ubwitonzi buvanze no kumererwa neza.
- Ntiwanguwe urwo rukundo: ntiwarunyiyeye.
- Kutiganda
- Umutima uzira umunabi
- Amakuba

10.2. Ibibazo ku byo bamaze gusoma

- 1) Ibyiza umubyezi agillira umwana we abitangira iyali?
- 2) Kuki uyu mwana avuga ko ibere icya nyina iyali imbehe?
- 3) Vuga ibindi byiza umubyezi agillira umwana we?
- 4) Kuki uyu mwana avuga ko nyina afitte ishuri iruta ayandi?
- 5) Ibyo uyu mwana avuga ni byo, si ugukabya?
- 6) Ni uwuhe mugani waca werekana ko nyina w'umuntu uko yaba amaze kose ntawe ukwiye kumwamagana?

«NTAWANGA NYINA NGO ARWAYE IBINYORO»

— Bulli munyeshuli azagerageza guhimba umwandiko utaka umuntu akunda cyane kurusha abandi. (Abashobora gutaka umuntu wamureze, kuko ashobora kuba adafite ababyeyi; ubwo rero nivyataka abo atazi.)

— Gutata mu mutwe

Abana bazabanza bitoze gusoma neza uyu muvugo nyuma bawutate mu mutwe gato; bamaze kuwufata, bazawutera imbere y'abandi, umwe umwe.

- 1) Uwo mugore batubwira yali ameze ate?
 - 2) Umugabo yugamishije we yali ameze ate?
 - 3) Ni iyihe mpamvu yamuteye kumwugamisha?
 - 4) Yamwugamishije he?
 - 5) Uwo mugabo yamwituye iki?
 - 6) Byaje kugenda bite?
 - 7) Vuga uko byatanagiyeye n'icyo ubitekerezaho.
 - 8) Vuga ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.
- Umugore akili umutindi.
 — Wa mugore yugamisha umusabirizi.
 — Umugore akira akaba ikirangirire.
 — Umukungukazi asubizwa ubutindi bwe.

9) Ni izihe nama twakwigira tumaze gusoma uyu mwandiko?

1) Kutirengagiza

2) Kudasuzugura

3) Kwitura imeza uwayikugiriyeye.

11.2. Gusobanura amagambo

- Umutindi nyakujya : umuntu utagira na busa, wumukene cyane.
 — Ubucabali : imyenda yacikagutitse y'imishire.
 — Imbweyi n'iyayo : inka yonsa n'inyana yayo.
 — Kuyoyoka : Gushira.
 — Kurevura : kugira icyo uvuga kandi atali ngombwa.

Umugani twacira uyu mugore kubera kanyu gasuzuguro ke :

« Umutindi umukiza ikimyira akakigusiga ».

11.3. Imyitozo

a) Guhina umwandiko bandika.

Urugero : Umugore wali umutindi nyakujya yibwira mu ngunguru.

Bukeye aza kugamisha umugabo w'umusabirizi aliko wakoraga ibitangaza. icyo yamusabaga cyose bwacyaga yakibonye.

Amaze kuba umukungukazi wikirangirire aza guhura na kumutuka. Nyamara bwakeye bwa bukire bwose bwayoyotse, yasubiyeye mu ngunguru ye.

b) icyandikwa : Guhera ahabanza kugeza kuli « ngwino wugame »
 Umwali mu azabanza asome neza yubahizze
 utwato, abanyeshuri bateze amatwi, batandika.
 Narangiza azabaha utubazo tumwumvisha ko
 abanyeshuri bumva neza ibyo bagaye kwandika.
 Ubwo noneho atangire iyandikisha.

12. UMUNYAMERWE

12.1. Ivumburamatsiko

Umwali mu azabaza abanyeshuri ibibwira bakunda.
 Birumvikana ko hari abazavugaga inyama. Ubwo ro
 azaboneraho kubabaza uko bita umuntu ukunda
 inyama cyane, yayibona agatanga kwiruma, amazi
 akamwuzura akanwa. Bazavugaga ibiranga byose
 umunyamerwe. Azasobanura kurwara amerwe
 n'ibindi...

12.2. Ibibazo ku byo bamaze gusoma

- 1) a) Ni ihe tungo ivugwa muri uyu mwandiko ?
- b) Lizwaho iki ?
- 2) Uyu mugabo batubwiraye yari aturutse he ? Yari agiye he ? Gukora iki ?
- 3) Byamugendekereye bite ageze icyo yari agiye ?
- 4) Aho atahiyeye ho byagenze bite ?
- 5) Umugore we yabyifashemo ate ?

12.3. Gusobanura amagambo

- Iyo bakuyeho uruhu rwayo : Iyo bayibaze.
- Umunyabugoyi : umuntu utuye mu Bugoyi.
- Impugukirwa** : Kwerakana ku ikalita mu BUGOYI, mu RUGERERO.
- Umukuzo : agacuma.
- Mu kirambi : hagati y'iziko n'urutara.
- Impugukirwa** : Byaba byiza byerekanye ku gishushanyo cy'inzu ya kera.
- Gukoma yombi : gukoma amashyi.
- Imbonetakalimwe : Inyama. Bavuga ko ari imboneka-
limwe kuko Abanyarwanda
batazibona kenshi.
- Barasohora : bagerayo.
- Mu gasero : mu gakangara gato.
- Amateshwa : amagambo aterekanyeye.
- Atatwa n'impumu : atangira guhumagira kubera
guseka.
- Yara amaboko : acika intege.
- Ihurira : ihaha.
- Uyisebya ibi by'abasenzi : uyivugaga nabi nk'abanyamusenzi.

Intero z'umunyamerwe.

Nageze iwanyu mu nsi y'uruhu
Nsanga iseseme barayibaga,
Ubwo isekurume iba iranteruye
No ku kinyama cy'inzu ngo pi!

Ngo nyikubite amazi
Amaso yuzura akanwa.
Bampa umukuzo ndawicalira
None rero mugore wanjye
Mpa icyo mbugita nzicanizize,
Shushya amazi yo kuzilisha
Ushake n'ubugali bwo kuziteka,
Umpa n'ikinono kivamo isosi.

Abana bazatata mu mutwe uyu muvugo, maze bawutere umwe umwe, batipfumbase.

12.4. Gutata mu mutwe

13. NYIRANDA

13.1. Gusoma

- Gusomesha bucece
- Gusomera abanyeshuli uranguruye iw!
- Gusomesha abanyeshuli umwe umwe ugakosora abategwa kandi ukababwaza gusoma baliimbwa.

13.2. Kuma ibyasomwe

A. Inyunguramagambo

Varababujije epto na ruguru,
yarabananaye.
Kuyogozza ibintu : Kumara ibintu.
Kunyukura : Kwiba umuntu.
Kugira akaboko karekare : Kuba agasambwa, guhora utwara utw'abandi, guhora wiba.
Guta inyuma ya Huye : Kubwira intuma.
Kugundira ikirago : Kwiganyiliza kubyuuka, kugira ubute bwo kubyuuka, gutinda mu buhaha.
Gutahura : Kuvumbura, kumenya.
Umururumba : Inda nini, gukeka ko utali buhage.
Gushukura : Kunanuka bitewe no kwifuza cyane (kuralikira) ibilyo cyangwa ibinyobwa kandi bitabuze.
Gukubita n'inkuba : Kugwa mu kantu, kugira ubwoba bwinshi.
Gukubita amaso : Kubona, kurabukwa.
Intezarubwa : Inkozasoni, umuntu usekeshya abandi.
Gucisha hasi no hejuru : Guhitwa no kuruka.

B. Ibibazo.

1. Nyiranda yifata ate asigaye ku rugo ?
— Yibaga ibibwira n'ibinyobwa.
2. Yemeraga ko ari we wabikoze ?
— Yahakana ibyo yakoze.
3. Iyo ngeso yaramenyekanye ?
— Byaratinze barayitahura, ari ababeyi, abalimu na bagenzi be.

4. Nyiranda yanjukura ibintu by'imuhira gusa ?
— Yibaga hose ndetse n'iruhande rw'inzira yahibaga amacunga.

5. Uretse ingeso yo kwiba hall'indi umuziho ?
— Arabeshya : abeshya ababeyi akabeshya n'abalimu.

6. Ni iki gituma Nyiranda adahaga ?
— Ahora ashukuye.

7. Nyiranda yabigenje ate abonye imfunguzo ?
— Yalishimye cyane kuko yali agiye kwiba ibyo ashaka byose.

8. Nyina yabaye nk'ukubiswe n'inkuba bitewe n'iki ?
Balli bamaze iminsi bamukingirana.

9. Ese Nyiranda yibiraga kudahaga ?
— Nyiranda yanyoye uburozi (umuti wo kwica isazi).

10. Nyiranda yakijijwe n'iki ?
— Nyiranda yibiraga ingeso.

— Namata.

13.3. Imyitozo

A. Guhimba Interuro zillimo aya magambo bubahisha utwazo :

Kuburabura

Kunyukura

Gushukura

Gukubita n'inkuba

Intazarubwa

Urugero : Uyu mwana yaburabuje ababeyi.

B. Guhina umwandiko :

Urugero: Nyiranda yali umwana w'agasambo. Yibaga mu rugo akiba n'aho anyuze hose.

Iyo ngeso iza gutahurwa n'ababeyi ndetse n'abalimu. Umunsi umwe nyina aza kwibagilirwa imfunguzo imuhira. Nyiranda azibonye si ukwishima kuko yali amaze iminsi amukingirana ntashobore kwiba! Nyiranda yihina mu nzu vuba aliko ahitira ku muti wica isazi ahita agotomera. Imana yagize ni uko nyina yahise aza agahita atabaza naho ubundi yali gupta. Yaje rero gukizwa n'amata, yiyemeza kutazongera kwiba ukundi.

14. INTARE N'URUKWAVU

14.1. Ibiganjwe. 1. Gusoma neza umwandiko

2. Inyunguramagambo

3. Kumva ibyasomwe.

14.2. Ivumburamatsiko

Kwitegereza igishushanyo, abanyeshuri bakavuga ibyo bakibonaho.

1. Kuli iki shusho murabonaho iki ?

2. Buri nyamaswa yifashe ite ?

3. Murabona inyamaswa zarangaye aha zizihye ?

4. Izo nyamaswa zarangaliye iki ?

5. Ese murabona zinganya umubyimba ?

6. Izo nyamaswa murabona zili he ? Iki kibereka ni iki ?

7. Intare itungwa n'iki mu biihwa ?

8. Urukwavu rutungwa n'iki ?

9. Akamaro intare ifitiye abantu ni akaha ?

10. Urukwavu se rwo rufite kamaro ki ?

11. Muzi imigani yerekeye urukwavu aha rwo Bakame ?

14.3. Ianga Iyumwandiko.

Uyu mwandiko ni umugani kuko halimo amakabyankuru, n'ibintu bidashoboka.

Ingero : 1. Nta nyamaswa yigeze ivuga, aliko hano ibiwana by'intare biraganira n'urukwavu.

2. Urukwavu washyize inyama ku ziko rurateka.

3. Nta rukwavu ruiya inyama aliko mull'uyu mwandiko haravugwamo ko rwazilliyeye.

4. Urukwavu rwavuze ko rwambaye inkweto.

14.4. Inyunguramagambo

Kuguyaguya : guhendahenda, kubwira undi amagambo meza

amugusha neza, amwurura, kubyimbirira.

Kuva inda imwe : Guhuzza ababeyi, kugirana isano.

Guhindurana : kubwira umuntu umukanika.

Umugome : umugirana, umwicaany.

Kuba nabi : kuba ibintu byari byiza nyuma bigahinduka bibi

Gufata bwangu : gufata vuba, udatinze.

Gukoma : kuvuga

Kuligita : kujya ikuzimu cyangwa kuva aho wari ugiye

ahandi aliko rwishishwa.

Guhenda ubwenge: kubeshya
 Inyalyehge : umuntu ufite ubwenge butuma yirwanaho.
 Kwikura ahantu : kuva ahantu amahoro kandi washoboraga
 kuhagillira ibyago.

14.5. Gusoma

1. Umwailimu avuye mu magambo make uyu mwandiko.
2. Gutanga utubazo (3,4) twekana ko bumwise.
3. Abanyeshuri basome bucece banashaka andi magambo adasobanuwe kandi umwailimu ababaze kuyasobanura ubwabo.
4. Umwailimu asome aranguruye ijwi umwandiko wose abanyeshuri bakulikira mu bitabo byabo.
5. Gusomesha umwe umwe buki gika, hanyuma umwandiko wose kandi baranguruye ijwi.

14.6. Kuwira ibyasomwe.

1. Ibyana by'intare byabaga he ?
2. Kuki intare yagombaga kwica inyamaswa nyinshi ?
3. Urukwavu rwihitiraga rwabonye ibyana by'intare ruvuga iki ?
4. Ibyana by'intare byemeze bwangu ko bititanye isano n'urukwavu ?
5. Inyama zimaze gushya byagenze bite ?
6. Intare ivuye mu muhigo yasanze ibyana byayo byashonje.
7. Yabibajije iki ? Byo byashubijije iki ?
8. Amacumu urukwavu rwavugaga ni ayaha ? Inkweto zo ?
9. Urukwavu rwakiranutse rute n'intare ?
10. Andika uhina buki gika ukoresha amagambo yawe bwite.

Ibisubizo :

1. Uyu mwandiko ugizwe n'ibika cumi.

2. Igika cya mbere : Intare yasize ibibwana byayo mu isenga ijya guhiga alliko ibisigira inyama ngo bitaza kwicwa n'inzara.

Igika cya kabili : Urukwavu rubonye ibyana by'intare mu isenga rushaka kwinjiramo alliko rubanza kubicacura. Irukwavu rukomeza kuvuga ko rufitanye isano n'intare.

Igika cya gatatu : Urukwavu rufite ibyana birashidikanya, bigeze aho biremera, urukwavu rulinjira.

Igika cya kane : Urukwavu ruteka inyama, zihye rullira rwima

Igika cya gatatu : Intare ihigitse isanga ibyana byayo byashonje.

Igika cya gatandatu : Intare ivugana uburakali ibwira urukwavu ngo rusohoke mu isenga.

Igika cya kallindwi : Urukwavu ruvugana ubwoba, rusaba intare kujugunya ibintu byarwo hanze.

Igika cya munani : Intare ifata amatwi y'urukwavu inaga hanze igira ngo ni inkweto.

Igika cya cyenda : Intare yumva urukwavu rutagikoma, ibajije rwiruka ku gasozi.

Igika cya cumi : Intare irubonye irumirwa alliko ntilyilirwa irukuhikirana.

14.7. KIBONEZAMVUGO

Ikigamijwe : kugaragaza uturemajambo tw'izina. Duhere kuli aya magambo, ari mu mwandiko « Urukwavu n'ingwe ».

- Intare
- Abavandimwe
- Agakwavu
- Umujinya
- Abana
- Umwobo
- Amacumu
- Inyamaswa
- Amatwi
- Inzara

Dutangize aya magambo « Nta ».

- Nta ntare
- Nta bavandimwe
- Nta gakwavu
- Nta mujinya
- Nta bana
- Nta mwobo
- Nta macumu
- Nta nyamaswa
- Nta matwi
- Nta nzara.

Dusanze icyo bakoresheje « nta » imbere y'izina, icyo zina litakaza inyajwi yalyo ibanza.

a) Korsha aya magambo mu nteruro:

— Guturumbuka

— Gutsibura

— Mu irebe

— Kurehareha

— Kwahuka.

b) Shyira aya magambo ahakwiye:

— amagurwa — inyama

— muhanano

— ijisho

— umuja

— ubusa

— ifashamo

— iitunatuna.

18. IKIRURA NA BWIZA

18.1. Gusoma

18.2. Kumva ibyasomwe

A. Inyunguramagambo

Ni rwo rugo uhingukiraho : ni rwo rugo rwa mbere ugeraho, ubona.

: kirangara.

: mfitte ubwoba, ikintu cy'icyoba.

: kiramusumira, kiramufata.

: kwiyorosa ukipfukirana.

Kwimiramiza

Kimwirohaho

ibikoba birankuka

Kiriyaamirira

B. Gusubiza ibibazo

1. Abantu bose bakundiraga iki Bwiza?

— Bamukundiraga ko ari mwiza.

2. Bwiza yari ashyiriyeye iki Nyirakuru?

— Iyi n'amavuta.

3. Nyirakuru yari atuye he?

— Hakuriya y'ishyamba.

4. Vuga amakabanyankuru ari muri uyu mwandiko.

— Ikirura cyiyoberanya, kikavugaga nk'abantu;

— Cyamize abantu babiri bunguli bacyishye babasangamo bakiri bataba-

5. Kuki ikirura kitahise kilya Bwiza?

— Cyumvise abantu basa inkwi hafi aho.

6. Kuki Nyirakuru wa Bwiza atakinguliye ikirura?

— Yari yararembye, nta mbaraga afitse.

7. Mbese ikirura cyishye uwo mukecuru?

— Cyamumize bunguli kitamwisha.

8. Kuki Bwiza yumvise ibikoba bimukuka?

— Yasanze umulyango urangaye.

9. Iyo umuhigi akirasa byari kugenda bite?

— Yashoboraga kwiciramo Bwiza na Nyirakuru.

A. Mbese izi nteruro zihuje n'ibivugwa muri uyu mwandiko.

1. Mushyiriyeyi amavuta yo kujya yisiga.
2. Sekuru yali atuye munisti y'ishyamba.
3. Ikirura kiliyoberanya.
4. Ikirura kiramubaza kiti « urava he ? »
5. Cyo taha, nta mbaraga mfite zo kuguherekeza.
6. Inyamaswa kimwirohaho kiramumira.
7. Kiragona kuko cyali kinaniwe.
8. Umuhigi yenda inkota ye agica umutwe.

B. Uzulishe izi nteruro amagambo ari muri uyu mwandiko.

1. Inkoko n'izitapfuna (1)
2. Sinzi ikili hanze (2)
3. Abana bakunda kwiyorosa (3)
4. Impyisi yahuye n'imbwa (4)
5. Bahuye n'umugeni walimbaye (5) bose.

Ibubuzo

1. zimira bunguli
2. ndumva ibikoba binukuka
3. bakimiramiza
4. iyirohaho
5. biyamirira.

19. INKA

19.1. Gusoma umwandiko

19.2. Inyunguramagambo.

Imballi (soma nka « inkwano ») : Inzara nini cyane usanga ku binono by'inka.
 Ibihogo, urwirungu, umusengero, ubugondo, isine, ikijuru, ikibamba... (Mwari umu yakwifashisha amacaki y'amabara cyari gwa se ibishu-shanyo.)
 Amabara y'inka

Amabara y'amatungo asa imwe na imwe ntahuza amazina.

Inka	ikibamba	uruhuga, igihuga
	igaju	mutamu, rutamu
	ikijuru	muvuzo
	urwirungu	Umufumbeli.

igikoba cy'umulizo : uruhu rwo ku mulizo
 ikilindi cy'umuhoro : igiti bakwikipiyemo umuhoro.
 Inago : akagozi kaboshye mu muvumu, mu murya, mu butumba...
 Imangu (soma nka iwacu) : akantu kamaze nk'inyundo gakoze mu ihemba bakomeshya impuzu.
 Ubusenzi : ubwoya bwo ku mulizo w'inka.
 Babuzingisha ibitare : Barabuzingazinga bakabuzungulizaho umukwege kugira ngo havemo ibitare.

19.3. Kuma ibyasomwe.

1. Vuga uko inka iteye.
2. Nimurondore amabara y'inka muri.
3. Kuki korora inka nyinshi ubu biruhije ?
4. Inka zitungwa n'iki ?
5. Inka zifatwa neza zite ?
6. Akamaro k'inka ni akaha ?

19.4. Umwitozo

Guhimba mu bika bibili, imiterere n'akamaro k'indi tungo muri. Mwari umu abanyeshuri gutegura uyu mwandiko.

20. IKIRURA N'UMWANA W'INTAMA.

20.1. Gusoma

20.2. Kumva ibyasomwe

A. Inyunguramagambo

'Kuburanirwa : kubura uko ubigenza.
Urugero : uliya mushonji yaburanirwe.
Kuka inabi : kubwirana umujinya.
Nimugakunde gutera abana bato ubwoba,
mubuka inabi.
Gutera icyugazi : kwegera cyane, gutera imbogamizi.

B. Ibibazo.

1. Ikirura cyahuriye he n'agatama ?
2. Erekana ko ikirura gihochotera agatama.
3. Agatama kashoboraga gutobera ikirura ?
4. Agatama ntikashoboraga gutuka ikirura. Byerekane mu magambo yawe.
5. Ikirura cyitwajye iki kugira ngo kilye agatama ?

20.3. Kuvuga.

Uyu mwandiko ni agakino kandi ni kaguti ku buho abanyeshuri bagata mu mutwe bakagakinira bagenzi babo, babii babili.

21. INGWE

21.1. Gusoma.

21.2. Kumva ibyasomwe.

A. Inyunguramagambo.

— Ibikomo : ibyoza biba ku nda no ku matako by'intare y'ingabo.
— Umugara : ibyoza birebire kandi byinshi, intare y'ingabo igira ku ijosi.
— Gusagallira : kugillira undi ibimubabaje nta mpamvu.
— Ubukana : uburakali, umujinya.
— Guhonga : Urugero :
Bino bilumba byarahonze, bimaze iminsi bikuye.
— Itubuka ukwayo : izi kwiruka cyane.

B. Gusubiza ibibazo.

1. Ingwe itanye he n'injangingwe ?
— biya gusa ikayiruta ubunini.
2. Umutwe w'ingwe umeze ute ?
— uhubumbumbuye.
3. Ingwe irwanisha iki ?
— inzara.
4. Ingwe irakara iyo bigenze bite ?
— iyo bayishotoye aiko cyane cyane iyo bayikomerekeje.
5. Mbese ingwe itura hamwe ?
— oya, ikunda kwimuka.
6. Mbese ingwe yuzura n'izindi nyamaswa ?
— Reka da! nta yindi nyamaswa byuzura.
7. Ingwe ikunda inyama zimeze zite ?
— zihonze.

8. Ni iki gituma itura hafi y'intare ?
— ni ukugira ngo ilye inyama intare ishigaje kuko yo ikunda imbisi.
9. Mbese ingwe itinye intare ?
— irayitinye ndetse ikanayihisha cyane ngo itayigillira nabi.

A. Uzulishe izi nteruro amagambo all mu mwandiko.

1. Impyisi iya (1)
2. Ingwe itinya bw'intare (2)
3. Ibijumba biralyoha cyane (3)
4. Inzovu ifite uruta uw'intare (4)
5. Imbwa y'impi (5)
6. Intare y'ingore n'igira (6) na (7).

Ibubizo.

1. Uyisagaliye
2. Ubukana
3. Bihonze
4. Umubyimba
5. Itebuka ukwayo
6. Ibikomo
7. Umugara.

B. Mwalimu atashye abanyeshuri guhimba umwandiko uranga indi nyamaswa baba barabonye, bigana nyu bamaze kwiga.

22. IMBWA N'INTAMA

22.1. Ibiganjwe

1. Kumenya gusoma neza
2. Gusobanukirwa n'amagambo yose all mu mwandiko
3. Kuma neza ibyasomwe
4. Kumenya ikibonezamvugo
5. Imyitozo.

22.2. Iwuburamatiko.

Mbere yo kwigisha nyu mwandiko, umwalimu abanze ikiganiro cyerekeye imbwa n'intama. Kuli iyi shusho imbwa ni iyihe? Intama ni iyihe? Byitashye bite?

Ibibazo: 1. Imbwa ni nyamaswa iteye ite ku mubiri wayo?

Wayigerekanye n'iyihe nyamaswa ibana n'abantu cyangwa iba ku gasazi?

2. Imbwa zili amoko angaha?
3. Imbwa zitungwa n'iki?
4. Akamaro k'imbwa ni akaha?
5. Iyo imbwa ilye umuntu bigenda bite?
6. Intama itandukanaye he n'ihene iyo urebye ingingo z'umubiri?
7. Ihene irahabeba. Intama yo se?
8. Intama itungwa n'iki?
9. Amata y'intama bayita bite? Aranyobwa?
10. Akamaro k'intama ni akaha?
11. Ni izihe nyamaswa zibana n'abantu?
12. Vuga izifite akamaro kurusha izindi.

22.3. Ianga iyumwandiko

Uyu mwandiko ni umugani. Ni umugani kuko hano imbwa, n'intama bivuga, ziyaga umuraho akababaro kazo, kandi ubundi nta nyamaswa ivuga, havuga ikiremwa muntu gusa.

Alliko kandi iyo ukulikuye neza umujyo w'uyu mwandiko, ukumva imvugo y'imbwa n'iy'intama, usanga halimo ukuli, kuko usanga koko birangana, ako karangane gaterwa n'abantu. Alliko kandi iyo ushyize mu gaciro, usanga izo nyamaswa zitarengeye igihe abantu bazikorereha icyo zagenerwe, uretse kuzica urupfu rubi, cyane cyane izibana n'abantu all zo bite amatungo.

Kubana : kuba hamwe, gutura hamwe, kuzura, kuba inshuti.
 Umuraho : kugira imillimo myinshi, kubura ngufasha, gutotetzwa, kugirirwa nabi, kuba wenyine.
 Umubabaro : kubabara ku mutima cyangwa ku mubili, bitewe n'agahinda cyangwa indwara, cyangwa se inzara, ubukene, umuraho.
 Guturura : kubangata na umutwara cyangwa gutangira kuvuga.
 Agahinda : ububabare bw'umutima.
 Kwiyahura : kwibuzaza ubuzima ubishakaka, kwiyica.
 Ingororano : igihembo cy'ishimwe uhabwa kubera ibyiza wakoze cyangwa ubutwari wagize.
 Urubaro : abana.
 Gushirwa : kugubwa neza, kunyurwa.
 Kwigera : gushyika ubwoba, gutinyuka.
 Gucisha make : kwitonda, gutuza, kwicisha bugufi.

22.5. Gusoma umwandiko

1. Umwailimu avuye uyu mwandiko mu magambo make abanyeshuri bateze amatwi batarabura mu bitabo.
2. Gusomesha abanyeshuri bucece bashakaga andi magambo atasobanurwe kandi bayasobanure ubwabo, ayananiranye ayasobanure ubwe.
3. Umwailimu asomere abanyeshuri aranguruye ijwi na bo bakulikira bucece mu bitabo byabo.
4. Gusomesha umwe umwe, igika, hanyuma umwandiko wose.

22.6. Kumva ibyasomwe.

1. Imbwa n'intama byali bihujye iki mu mibereho yabyo ?
2. Kuki intama yali ifite igitekerezo cyo kuziyahura ?
3. Akamaro intama ivuga aha mu mwandiko igiillira abantu ni akaha ?
4. Inyiturano ya hano mu nsi intama ivuga ni iyihe ?
5. Intama imaze kuvuga, imbwa yo yashubijye iki ?

22.7. Guhimba umwandiko

Guhimba umwandiko usa n'umaze gusomwa

1. Kubanza gusoma umwandiko «Imbwa n'intama». Mwailimu azahera kuli uwo mwandiko, abaze abanyeshuri utubazo twamugeza kuli izi nteruro zerekera n'umwandiko bamaze gusoma.

- 1) Intama igira mulizo mugufi
- 2) Ibyo bikanteraga agahinda kanini
- 3) Imbwa n'intama bifite imibereho mibi.
- 4) Zibona utiyo tunzinye.
- 5) Ayo matungo akorera abantu imillimo myinshi.

2. Gusoma ziliya nteruro, Mwailimu agatanga utubazo twamugeza kuli alya magambo aciyeho akaronggo. Ubwo ni cyo gihe azayaciraho akaronggo ku kibaho.

Mw : Umulizo w'intama umaze ute ?

Sh : ni mugufi

Mw : Intama ifite agahinda kangana iki ?

Sh : ifite agahinda kanini.

Mw : Imbwa n'intama bifite imibereho imaze ite ?

Sh : Bifite imibereho mibi.

Mw : Zibona utiyo tungana iki ?

Sh : Zibona utiyo tunzinye.

Mw : Ayo matungo akora imillimo ingana iki ?

Sh : akora imillimo myinshi.

Twitagerereze rero alya magambo n'umwanza afitte mu nteruro, turasanga akulikiranye n'amazina rusange kandi afitte icyo ayavugaho. Dufate nk'iliya nteruro ya mbere, «mugufi» iravugaga iki ku izina «umulizo» ?

Sh : «mugufi» irerekana uko umulizo w'intama umaze.

Mw : Kimwe na «kanini», mu nteruro ya kabiri, na icyo

irerekana uko agahinda k'intama kangana.

(Gukomeza utyo ku nteruro zisigaye).

Alya magambo yose aciyeho akaronggo, akulikiranye n'amazina rusange kandi akagira icyo amenyeshya kuli ayo mazina, ari imimerere cyangwa ingano y'icyo ayo mazina avugaga. Alya magambo rero aherereza izina akerekana imimerere yabyo ni yo bita NTERA.

23. KORORA INKOKO

23.1. Gusoma umwandiko

Akamaro k'inkoko ni akahé ?
 — Inkoko idutitiye akamaro kanini cyane :
 amagi n'inyama biralibwa, igurwa amataranga.

23.2. Kumva ibyasomwe.

Inkoko ifatwa neza ite ?
 — iba mu nzu yumutse
 ifite umwuka uhagije
 ifite urumuli rulinanganaye.

Ikibuza bene ayo matungo kwiyongera ni iki ?

— Ubukonje, ibiyo bibi, umwanda bituma inkoko zitiyongera.

Inzu nziza y'inkoko yubakwa ite ?

— Ni ngombwa kuyubakisha amatafali. Iyo nzu ikagira impande enye zingana.

Buli ruhande rukagira metero. Ugashyiramo inkoko enye, ushobora gusakaza ibyatsi utabonye amatigura.

Hasi mu nzu haba hamaze hate ?

— Hagomba kulinanganira, ukahasasa amatafali hagasumba ubutaka bw'inyuma.

Inkoko ziterera aho zirara ?

— Umworozi agomba kubaka iruhande indi zitereramo, buli nkoko ikagira urwali ruyikwiye.

23.3. Umwitozo

a) Gusubira mu turemajambo tw'izina n'utwa ntera.

Urugero : Inkoko ifite akamaro kanini. (1)

izina ntera

igomba kubona **ibiyo bibisi.** (2)

izina ntera

Bayilinda **ibiyo bibi** (3)

izina ntera.

3. Twitegereze noneho imyifatire ya ntera iruhande rw'izina :

1. Umwitozo mugufi

2. Agahinda kanini

U-mu-lizo	U-tu-lizo	A-ka-lizo	I-bi-lizo	A-ba-ntu	I-n-ka
I-mi-lizo	U-tu-lizo	A-ka-lizo	I-bi-lizo	A-ba-ntu	I-n-ka
Mugufi	Mi-gufi	A-ga-hinda	ka-nini		
2.	A-ga-hinda	A-ma-tama	ma-nini		
	U-mu-lizo	U-mu-lizo	mu-nini		
	tu-gufi	ka-gufi	ru-nini		
	bi-gufi	u-ru-go	ha-nini		
	ba-gufi	A-ha-ntu			
	n-gufi				

Turabona ko ntera igizwe n'ibice bibili :

a) Hall igice kidahinduka : icyo gice ni **igicumbi** cya ntera.

b) Hall n'ikindi gihinduka kandi gisa n'icy'izina biyanye.

U-mu-lizo mu-gufi.

Icyo gice kigenda kigaruka mu byegera by'izina cyitwa

«indangasano».

Ntera rero ihinduka ikulikije inteko y'izina rusange iherekeza maze

igata indanganteko y'iyiyo zina.

Urugero : Utuiyo tunzinya

1) U-tu-lyo tu-nzinya

2) Imilimo myinshi

I-mi-limo mi-inshi.

3) Imibereho mibi

I-mi-bereho mi-bi.

22.9. IMYITOZO

1) Mushake interuro zilimo ntera, mwerekana izo ntera n'amazina

biyana.

2) Muce uturongo tubili mu nsi ya ntera n'akarongo kamwe mu nsi

y'izina rusange iherekeza. Nimurangiza, mushake uturemajambo

tw'iyiyo zina n'utw'iyiyo ntera.

Amatungo yose, uyagaburire neza, akugillira akamaro kanini.

Iyo ari ya yandi alibwa yo, agira imihore myiza cyane! Abantu

benshi bakunda kuyiyambaza ku munsu mukuru, bakira abashyitsi

bahire. Intama iralisha aliko ikunda cyane cyane ibyatari bibisi

kandi bitoshye.

- a-ka-marò ka-nini (1)
i-bi-lyo bi-bisi (2)
i-bi-lyo bi-bisi (3)

— Umwali mu akoreshe indi myitozo yo kubona izina, inshinga, ntera n'ibindi...

b) Ashobora kandi gutanga imyitozo y'inyangandikoshusho yerekeye amatungo y'imuhira. Bakavuga uko yororwa n'akamaro kayo. Mwali mu azategurane n'abanyeshuri uyu mwitozo, babanze gushakira hamwe ibitekerezo, babone guhimba umwandiko.

24. IMPYISI N'IHENE

24.1. Gusoma

24.2. Kumva ibyasomwe.

A. Inyunguramagambo

: biracika, biba nabi.	ibintu bitadogera
: zilyinjiramo, zirohamo.	ishyamba ziraliyemena
: Kwiuhuta, gutambuka ubundi wasaga n'utagenda.	Gushibura
: kurembera, kuminkuka.	Gushubera
: kuzana umuvuduko, gukabya uburakali.	Guca ibiti n'amabuye
: kwiruka cyane, kwiuhuta uhunga.	Kubangira amaguru ingata
: urakora ubusa.	Uranjwa

B. Gusubiza ibibazo

1. Iyo amapfa yateye amahaho ava he ?

— Aho imvura igwa.

2. Impyisi yashimishijwe n'iki ?

— Yali ibonye ihene zo kulya itarushye.

3. Impyisi yali he ?

— Yali yugamye mu isenga iyayo.

4. Ruhaya yali izi iki ?

— Ko impyisi ishaka kulya abana bayo.

5. Erekanako Ruhaya yihamagajwe ubusa.

— Yali izi ko ihene zagiyeye ubutagaruka.

6. Impyisi yangiyeye iki gukubikira Ruhaya ?

— Yali ibonye isingiriyeye ingo.

7. Ruhaya yahenze ubwenge impyisi inshuro zingaha ?

— Inshuro ebyiri: biri mu isenga

— Impyisi isanze Ruhaya izilitse ku kigega.

24.3. Imyitozo

a) Mukoreshe aya magambo mu nteruro zitunganye.

1. Isenga

2. Yuza

3. Ngutumillire

6. Uranjwa

5. Guca igiti n'amabuye

8. Ubwenge

7. Imisotoy'ikigega

9. Nta kabunza

Vuga mu magambo make uko Ruhaya yahenze impyisi ubwenge: Urugero : Ihene zagiyе kugama imvura mu senga iy'impyisi: impyisi izibonye itangira kwilya icyara kuko yali ibonye icyo iya itarushye.

Aliko Ruhaya iyihenda ubwenge, ihene zose izaticikisha, zituma kuyicira umuti wa mperazayo, na yo igenda izikulikiyе.

Yiruka amasigamana ngo igiye kuzihamagara. Impyisi igize ngo irazikulikiranye, Ruhaya iyihungira mu ngo, impyisi igenda ikubita agatoki ku kandi iti « urabeshya na buya bwa iyali nzakulya. »

Umunsi umwe, impyisi isanga Ruhaya izilitse ku misoto y'ikigega, impyisi irayibwira iti « ntukinshitse ndakulya. » Ruhaya iti « reka tubanze twivuge. » Bivugaga, abahinzi barabuyuma barahurura, impyisi bayitsinda aho. Ruhaya ikira ityo.

26. IBIRE BYAKANDA MU RWANDA (Soma nka « akanya ».)

26.1. Ivumburamatsiko:

Umwalimu abaza abanyeshuri ukwezi tugazemo.

— Uku kwezi twimo ni ukuhe ?

— Ni iki gitandukanya ukubozza na kamena ?

Ukubozza kugwamo imvura naho kamena ikavamo izuba

Iyishyi.

— Mu kwakira no mu Gushyingo mu miliima haba halimo myaka ki ?

— icyo gihe bakita bate ?

Gashogoro

— Kuki ?

— Kuko ibishyimbobo byose aba ari umushogoro, bitarera.

— Ibyo bishyimbobo biva byaratewe iyali ?

— Muli Nzeli.

Umuhindo utangira mu mpera za Nzeli, ukarangira mu kubozza hagati.

26.2. Gusobanura umwandiko

— Gashogoro iba mu yaha mezi ? (Ukwakira - Ugushyingo).

— Muli Gashogoro abantu baba bafite ibyo kulya bishyimbobo ?

— Oya, haba hali inzara, balya umushogoro n'umutshima.

— Ni igihe cy'inzara, cy'akanda

Gashogoro ikulikirwa n'ikihe gihe kindi ? Urugaliy: ibishyimbobo

byeze, izuba liva cyane.

— Urugaliy! rugakulikirwa n'itumba. Itumba litangira muri Werurwe

likarangira muri kamena.

— Itumba ligaragazwa n'iki ? Imvura nyinshi igwa hatu na hatu,

hakaramuka umuvumbi. Nabwo nta bilyo byinshi biva bilihо. Aliko

n'ufite ibyo ateka n'ibimworoherе.

— Kuki ? Kuko inkwi zibura. Bavuga ko **ubuzima bwishe abantu:**

kutagira icyo ucana. Ubundi kwicara mu kizima ni ukwicara mu

mwijima, nta rumuli. icyo gihe inkwi aba ari **ingume.** Hali ayandi

magambo atitanye isano n'ityo.

— Ni ayaha ? **Kuguma,** bivugaga kubura kw'ibintu cyangwa bikaba

imbonetakaliwe.

— Shaka interuro wakoreshamo icyo nshinga. Urugero : Muli 1974,

umunyuri n'isukali byari ingume. Abana batoya icyo batariye neza,

batumba amatama, ibirenge, inda maze bigahisha bikaba

nk'imineke. Baba barwaye indwara yitwaga **irungu,** ari yo bita bwaki,

ahandi bakayika **kanеke.**

27. NGARAMA NA SARUHARA

27.1. Ibigamijwe

1. Kumenya gusoma neza

2. Inyunguramagambo

3. Kumva ibyasomwe

4. Kumenya kibonezamvugo.

27.2. Iwumburamatiko.

Kubanza kwitegereza aya mashusho, abanyeshuli bakavuga icyo babonaho.

1. Iyi shusho irekana iki?

2. Ako gatsiko k'ibisiga kaba gakora iki?

3. icyo gisiga kinini cyitaruye cyaba gikora iki mu bindi?

4. Uwo muntu uhiye muri icyo bisiga amaze ate?

5. Kiiya gisiga kimuri iruhande kirashakako iki?

27.3. Gusoma umwandiko

— Gusomesha abanyeshuli bucuze bashakako amagambo batumvise.

— Umwami asomere abanyeshuli aranguruye ijwi.

— Gusomesha umwe umwe.

27.4. Inyunguramagambo

Abantu bali barakigize indahiro : baragitiyaga cyane kubera ubugira nabi bwacyo.

Guturwa

: guhabwa amaturo, guhabwa ibintu.

Amakoro

: amaturo kera bajyanaga ibwami cyangwa mu bandi bantu bakomeye.

Guteza ingabo

: kohereza abantu kurwana aha n'aha, ni byo bita kugabagitero.

Gutsemba

: kumaraho, kurangiza, kudasigaza na busa.

Kugororera

: guhemba umuntu kubera ubutwari yagize, ibikorwa byiza yagezeho.

Kwifuraba

: kwifubika.

Guca ibintu

: kugira nabi, kugira ibikorwa bibi, kwangiza.

Gukinja itako

: kurambika itako liwwe.

— Halli ukundi kwezi nanone imyaka iburamo. Ni ukuhe?

Ukwezi kwa gatanatwe aha, bita Kamena. icyo gihe cy'umwaka bacyita bate? **Impeshyi** — icyi.

Cyakora hamwe bavugako n'impeshyi aha gihe cy'umukamuko kili hagati y'itumba n'icyi.

— Ibishyamba biva byeze icyo gihe byitwaga bite mu kinyarwanda?

Ibifagasha.

Koresha icyo jambo mu nturu.

Urugero : Ibifagasha bishira vuba kuko biva byonyine.

— Twagira dutwe kugira ngo duteganyirize ibyo bite by'akanda, igihe cy'umwero?

Kwiliinda kw'umwaka.

Urugero rwumvisha icyo y'icyo nshinga :

Ingabo zajyaga kw'umwaka mu mliima.

Ni ukuvugaga kurandura mu mliima imyaka itarera, zigira ngo zibone ikizitunga.

Ku mpeshyi, abantu bava amasaka bayamamira mu isoko.

26.3. Umwitozo : Mwandikwe ibika bibili bivugako uko impeshyi iba imaze.

- 27.5. Kumba ibyasomwe.**
- Kugaruka bwangu : kugaruka vuba, kudatinda aho ugije.
 - Kwigerazaho : kwihamagallira ibyago, kwishyira mu makuba, gutinyuka cyane.
 - Gushira amakenga : gushira ubwoba, gutinyuka; kutizwa.
 - Guhara ishema : kwivuguruz, guta agaciro, gusubira inyuma.
 - Gutanda amababa : kurambura amababa.
 - Gucogoza : guca intege, kubuza, guhenda-henda
 - Kwitaza : kwigirayo, kwitarura, kuva aho wari ugiye.

1. Ngarama yakoraga iki ?
2. Igisiga cyali cyaraciye ibintu ni ikihe ?
3. Iyo umwami yatezaga ingabo icyo gisiga byagenyaga bite ?
4. Ngarama yabwiye iki umwami ?
5. Kuki inzira zajyaga ibwami zali zarabaye ibisibe ?
6. Umwami yabwiye Ngarama ko nyica Saruhara azamugororera iki ?
7. Ngarama yicishije Saruhara ntwaro ki ?
8. Nimuhine uyu mwandiko wa Ngarama na Saruhara, muvuga cyangwa mwandika.

Urugero :
 Igisiga cyitwaga Saruhara cyali cyaraciye ibintu. Bukeye umugabo w'intwari Ngarama abwira umwami ko ashobora kwica Saruhara. Umwami ati « nyica Saruhara nzaguhaha ingororano ishishije. » Ngarama asaba umwami kubagisha inka, bamaze kuyibaga yisiga amaraso, uruhu ararwifuraba.
 Nuko atata intwari ze alya kurwana na Saruhara, ishierrezo arayica.
 Abantu batangallira cyane ubutwari bwa Ngarama. Umwami amugororera inka n'imisizi kuko yari atumye amahoro agaruka mu gihugu.

9. Erekana amakabanyankuru ari mu muryango w'umwandiko.

1. Gutsemba ingabo z'umwami zose.
2. Amayira arasiba, ibwami n'ihongera kugendwa.
3. Nta gisiga kivuga.
4. Saruhara ari « uyu mupfumu mu mabyiruka yariye naramunye. »

27.6. Ibibonezambwaga.

- Ibigamijwe :**
- inshoza y'isanisha. (Soma nka « ihingisha »)
 - inteke zamazina.

Isomo ubwalyo.

Duhere kuli iyi nteruro :
 Umuntu muni aragaragara ndamubona.
 Ushimbujwe mu nteruro (1) « umuntu » « abantu » yahinduka :
 Abantu muni aragaragara ndamubona. *

Iyo nteruro irakocamye, ndetse nibaho mu kinyarwanda. Impamvu idatunganye ni uko isano jambo « Abantu » lyagomba kugirana n'andi idahallirira : ntitwariye. (Soma nka « idashimishije ») nandi magambo yo mu nteruro (1).

*** (Interuro idatunganye.)**

Nitwariye, interuro (1) irahinduka : Abantu banini baragaragara ndababona. (2)
 Aliya magambo yahindukiye icyarimwe kugira ngo interuro itungane aritanye isano.
 Byatewe n'iki? Byatewe n'uko twahinduye intege y'ijambo « umuntu » : « umu » tushimbujwe « aba », maze amagambo yose yari asanishije na « umuntu » arahinduka.
 Halli andi magambo wasimbuzwa « umuntu » mu nteruro (1) cyangwa se « Abantu » mu nteruro (2) ukabona izindi nteruro zitunganye.

- umugabo muni aragaragara ndamubona (1)
- umukobwa
- umwana
- umunore

— Aya magambo yose atangira interuro (1) ahuje INTEKO (nt).
 Abagabo banini baragaragara ndababona (2)

- Abasore
- Abana
- Abakobwa

— Aya magambo yose atangira interuro (2) na yo ahuje inteke.
 Duhere ku magambo ari mu mwaniko maze turondore inteke zamazina zose dukukikije ibyari nteruro y'itazozo.

- 1) Umuntu (nt. 1) muni aragaragara ndamubona.
- 2) Abami (nt. 2) banini baragaragara ndababona.
- 3) Umuheto (nt. 3) muni uragaragara ndamubona.

28. UBWOROZI

28.1. Iwumburamatisko

- Mwalimu yabaza abanyeshuli ibitunze Umunyarwanda.
 - Ibijumba
 - Ibishyimbo
 - Imyumbati
 - Amasaka
 - Amashaza...
- Ababaze imyaka ikunda kwera mu karere batuyemo.

28.2. Gusoma umwandiko.

28.3. Kuma byasomwe.

1. Ubuhinzi n'ubworozi bufitiye kamaro ki igihugu?
 2. Vuga ibitunga umubili bituruka ku matungo.
 3. Uretse ibibwira, ikindi ubworozi bumalira umworozi ni iki?
 4. Kugira ngo itungo lizagukenure ugomba kullifata ute?
 5. Uzuzi izi nteruro: Ubworozi... ni magillirane.
- Kubaka ni ... kimwe n'ubworozi.

28.4. Ikbonezamvugo

Ikgamijwe: inshoza y'inshinga.
Duhere kuli izi nteruro zanditse ku kibaho:

- (1) Ubworozi bwambika umworozi. (1)
- Inyama, amata n'amagi bikomeza umubili. (2)
- Wowe uzalya ibijumba n'ibishyimbo! (3)
- Ubworozi ni bwiza. (4)

Mw: Mu nteruro (1) ngo ubworozi bugira bute?

Sh: Bwambika umworozi?

Mw: Ni iki cyambika umworozi?

Sh: Ni ubworozi.

Mw: Ni ihe jambo mull iyo nteruro (1) litubwira igikorwa n'ikigikora?

Sh: Bwambika ni igikorwa, ubworozi ni bwo bukora.

Mw: Mu nteruro (2), inyama, amata n'amagi bigira bite? Bifite kamaro ki?

Sh:

Bikomeza umubili.

Mw: Ni ibiki bikomeza umubili?

4) Imiheto (nt. 4) minini iragaragara ndayibona.

5) Ibaba (nt. 5) linini iragaragara ndalibona.

6) Amayira (nt. 6) manini aragaragara ndayabona.

7) Igisiga (nt. 7) kinini kiragaragara ndakibona.

8) Ibitu (nt. 8) binini biragaragara ndabibona.

9) Inka (nt. 9) nini iragaragara ndayibona.

10) Inzira (nt. 10) nini ziragaragara ndazibona.

11) Uruhanda (nt. 11) runini ruragaragara ndarubona.

12) Agahinda (nt. 12) kanini karagaragara ndakabona.

13) Utuntu (nt. 13) tunini turagaragara ndatubona.

14) Ubuhili (nt. 14) bunini buragaragara ndabubona.

15) Ukuboko (nt. 15) kunini kuragaragara ndakubona.

16) Ahantu (nt. 16) hanini haragaragara ndahabona.

27.6. Imyitozo

- Mushake mu mwandiko wa « Ngarama na Saruhara » amazina, munavuge inteke zayo.
- Aya magambo ari mu zihe nteko?

Ijuru umuhoro umugenzi ikinyabupfura igare

armahane ishamba abanyeshuli umwuga

ingoma akaga amajyambere abagabo

ibuga amagara amazinda urugo

impisi

- Abanyeshuli bamaze kumva ko inteke zitandukana n'uko amagambo ahuzi inteke, bakwiga kuzirondora mu mutwe, bikabafasha kujya babona vuba inteke y'izina ili n'ili.
- Shyira izi nteruro mu ngiro nkora cyangwa mu ngiro ntega:

Ingero: Iliya nshira izicwa na nde? Igisubizo:

Ni nde uzica iliya nshira?

Abajandarume bamufashe.

Yafashwe n'abajandarume.

1. Ubworozi bukijije umugabo Sahaha.

2. Nkundamatungo azabibutsa iby'ubworozi.

3. Muzafashe imilimo ababyeyi banyu.

4. Abana bawe ntibishwe na bwaki.

5. Mbe ye, wakubiswe na nde?

6. Muuma arakama inka.

7. Data na Mama barandikira inshuti.

Sh : Ni inyama, amata n'amagi.

Mw : Ni iihhe jambo muli iyo nteruro lyerekana igikorwa ?

Sh : Bikomeza.

Mw : Naho atumenyeshya ibyo bikomeza ?

Sh : Ni inyama, amata n'amagi.

Mw : Mu nteruro (3) ngo wowe uzagira ute ?

Sh : Uzalya.

Mw : Ni iihhe jambo litubwira uzalya ?

Sh : Ni wowe.

Mw : Interuro ya (4) iratubwira iki ?

Sh : Uko ubworozi bumeze.

Mw : Ni iki kivugwaho ubwiza ?

Sh : Ni ubworozi.

Mw : Amagambo atwereka iyo mimerere ni ayaha ?

Sh : « ni bwiza ».

Mw : Aliya magambo yose atumenyeshya ibikorwa :

bwambika (1), bikomeza (2), uzalya (3), ni inshinga y'ingiro

nkora. Mu nteruro (4) « ni » ni inshinga na yo, aliko

iratumenyeshya imimerere y'ubworozi; nta gikorwa ihamya.

Inshinga rero iranga igikorwa iki n'iki, imimerere n'imyifatire

iyi n'iyi, intego y'umuntu cyangwa y'ikintu...

Naho aliya magambo yose inshinga zihamya iki n'iki:

ubworozi (1), inyama, amata n'amagi (2), wowe (3), ubworozi

(4), yitwa ruhamwa rw'inshinga tumaze kurondora.

— Ruhamwa iyo ili mu bumwe, inshinga ijyana na yo iba mu

bumwe; ruhamwa yaba mu bwinsi, inshinga na yo

ikabubamo.

— Ruhamwa imwe ishobora kujyana n'inshinga nyinshi

cyangwa se inshinga imwe ikagira ruhamwa nyinshi:

Abanyeshuri barasoma bakananadika.

— Kugenda uhuzza ruhamwa n'inshinga byitwa gutondagura

inshinga.

Tugaruke kuli ziliya nteruro (1, 2, 3).

Dushobora kuzibayaza izindi zivuga kimwe duhinduye

intego y'inshinga zazo.

Umworozi yambikwa n'ubworozi (1).

Umubili ukomezwa n'inyama, amata n'amagi (2).

Ibijumba n'ibishyamba bizalibwa na we!

Izi nshinga, yambikwa, ukomezwa, bizalibwa, zili mu

ngiro ntega, zikerekana ibikorwa kuli ruhamwa.

28.5. Imyitozo

- Ereka inshinga zili muli uyu mwandiko unavuge ruhamwa zazo.
- Himba interuro eshanu zilimo inshinga eshanu zili mu ngiro nkora n'eshanu zili mu ngiro ntega.

30.1. Ivumburamatiko:

Mw : Kuli illi shusho murabona izihe nyamaswa ?
 Sh : Intare — imbogo — inzovu — impyisi — ingeragere (isha).
 Mw : Urebe ishusho, maze uvuge impamvu ziteranaye haliya.
 Sh : Zili mu nama (zimeze nk'izili mu nama).
 Mw : Inyamaswa zikanze ubusa, aho havuye izina ly'uyu
 mwandiko tugiyeye kwiga « Ubwoba bw'inyamaswa ».

30.2. Gusoma umwandiko.

30.3. Gusobanura amagambo.

Mw : Ipapayi yarahanutse yikubita hasi, ikanga urukwawu, maze
 rugenda rwirukanika ubutarora inyuma. Mu mwandiko
 bakoresha ilihwe jambo ?
 Sh : Kwiruka amasigamana, aho byo bivuga guhunga, kwiruka
 cyane ubutarora inyuma.
 Mw : Izindi nyamaswa zazibonaga zarazikukirikiraga zihunga na zo.
 Mu mwandiko bakoresha ilihwe jambo ?
 Sh : Zazomaga mu nyuma.
 Mw : Iyi nteruro ivuga iki ?
 Sh : Zarayikukirikiraga.

Mw : Inyamaswa zimwe zifite uko zisakuzza zihalaye.
 Tuwuge nk'imbwana, bavuga ko imoka.
 Sh : Intare igira ite ?

Mw : Intare ilivuga.
 Sh : Intare (1), ihene (2), impyisi (3).
 Sh : Iragara (1) irahabeba (2), irahuma (3).
 Mw : Hano mu mwandiko, za Mahuma ni iki ?
 Sh : Mahuma ni impyisi.
 Mw : Izo nyamaswa zose zahungaga, zirukanakanaga imbaraga
 nyinshi cyane, ku buiyoyi impyisi zikanze. Zakanzwe n'iki ?
 Sh : Zikanze imillindi, zikangwa n'urusaku, n'uko izo nyamaswa
 zahungaga imbaraga nyinshi : **inkubili**.

Mw : Halli illindi jambo bakoresha bavuga ko abantu aho benshi cyane
 kandi ikoreshejwe muli uyu mwandiko.
 Sh : Iliyo jambo ni **uruvunganzoka**.

Mw : Inyamaswa zimwe na zimwe zerekeza amatwi yazo inyuma iyo
 zirukanika cyangwa iyo zishakira kumva neza ikintu.
 Bavuga ko zigize zite ?

29.1. Gusobanura amagambo.

Mw : Mu bihingwa bya kinyarwanda, habaho imyaka itunga urugo,
 ikarugandura iyo yeze, ikarutsindira inzara.
 Iyo ni nk'iyihe ?
 Sh : Ni nk'ibijumba, ibirayi, amasaka, amashaza, ibishyimo,
 imyumbati, bitoki.

Mw : Ibyo byose byitwaga ibihingwa **ngandurungu**. Halli ibindi
 bihingwa byera ino bigacuruzwa bikatuzanira amataranga.
 Ni nde wambwira uko babyita ?

Sh : Ni ibihingwa **ngengabukungu**.
 Mw : Halliho ibyera hagati y'imisozi ibili hatali amazi. Aho hantu
 bahita bate ?

Sh : **Igisiza**.
 Mw : Muli iyi nteruro : Imyumbati imwe iralyoha indi **igashalira**.
 Simbuza iliya nshinga icyeho akarongo indi biyaya kuvuga
 kimwe.

Sh : Ikarura (ikabaha).
 Mw : Imboga zituruka ku myumbati zitwa zite ?
 Sh : Zitwa isombe.

29.2. Gusomesha umwandiko abanyeshuri (umwe umwe).

29.3. Kumva ibyasomwe.

1. Kuki imyumbati itera ahabonetse hose mu turere tw'u Rwanda ?
 2. Reba ku ikarita y'u Rwanda maze uvuge Perefegitura zakweramo
 imyumbati.
 3. Halli amazina yandi uzi bita imyumbati ishaliye n'idashalira ?

29.4. Imyitozo

1) Muhimbe umwandiko w'uduka dutatu utubwira uko igihingwa iki
 n'iki cyaba kinyarwanda giteye, aho cyera, uko kilibwaga, ibiyaga gusa na
 cyo...
 2) Nimushake mu mwandiko mumaze kwiga amazina, ntera
 n'inshinga.

30.5. Gusobanura amagambo

Umugoboro — imigoboro	: umuntuzi w'inzovu, ugaherwa n'amazuru.
Imigoboro zirayiraliika	: ziyirebeshya, ziyitunga hejuru.
Amaguru ziyabangira ingata	: mu nshoberamahanga bivuga ko zagiyeye ziruka, zihuta cyane.
Amagana n'amagana	: myinshi cyane.
Bimongana	: bilirangira.
Zongeramo umurego	: zongeramo imbaraga, zirushaho kwiruka.
Umutima ugahaba, zituragurwa,	: zikagira ubwoba bwinshi, zikuka umutima
Intare igomagira	: igenda buhoro, igendana igitiinyiro n'ishema.
Nihundagaliye	: niyamuye mu gacucu nduhuka.
Ahitariye	: ahagaragara
Nkuramo	: ndiruka
Ubucucu ziyokamiye	: ubugoyi zose zigillira kuva zabaho.

30.6. Kumva ibyasomwe.

1. Erekana ko izo nyamaswa zagendana inkubili.
 - Halli agashururu k'umukungu watumukaga mu nzira.
 - Amabuye avuza ubuhaha.
 - Inyamaswa zimwe zigira ubwoba.
 - Ibikombe biromongana, imisozo ilirangira.
 - Urusaku rurushaho kuba rwinshi.
2. Kuki inyamaswa uko zirukaga zarushagaho gukuka umutima?
 - Zibwiraga ko icyago cyazisatiliye, ubwoba bukaba bwose, si ukwiruka!
3. Intare se na yo yagize ubwoba?
 - Oya, intare yali yiliyamiye ntacyo yishisha, irabyuka, ilinanura, igenda buhoro. Naho izindi zose ngo zali zimeze nk'izasaze.
4. Ni iki cyerekana ubutwali bw'intare mu mwandiko?
 - Yahagaliye inyamaswa zihunga.
 - Izibazanya igikabwwe, uburakali.

- 30.4. Kumva ibyasomwe (igice cya mbere)
1. icyerekana ko urukwavu rwali runaniwe ni iki?
 - Rwasinziye munsu y'igiti.
 2. Urukwavu mu by'ukuli rwikanze iki?
 - Rwikanze nyir'umullima.
 3. Halli inshoberamahanga umwanditsi yakoresheje kugira ngo yerekane ko urukwavu rwihutaga.
 - Rwirukaga amasigamana.
 4. Iindi zina by'ingeragere ni ihaha?
 - Ni isha.
 5. Uko inyamaswa zahungaga zigize zimanya icyo zihunga?
 - Oya, zahungaga ubusa.
 6. Vuga inyamaswa zose zahunze zivugwa muli uyu mwandiko?
 - Urukwavu
 - Ingeragere
 - Inzovu
 - Imbogo
 - Mahuma (impyisi)
 - Amasatura

Sh	: Ziba zibanze amatwi.
Mw	: Umuntu na we abanga amatwi, ni ukuvuga ko atega amatwi.
Sh	: Ubanze amatwi unyumvire ibyo bavuga.
Mw	: Iyo bashaka kuvuga ko umuntu aje yiruka cyane kandi atunguranye bagira bati iki?
Sh	: Bagira bati «aje nk'ya Gatera».
Mw	: Iyo uwo muntu aje yihuta avugana umwaga, bavuga ko aje ate?
Sh	: Bavuga ko aje aca ibiti n'amabuye.
Mw	: Umwaga mwinshi ukukumba ibyatsi n'umukungu bawita bate?
Sh	: Serwakira.
Mw	: Yee, cyangwa agashururu. (Soma nka «umukungu»).

5. Kuki intare yasetse cyane?
 — Yagayaga ubwenge buke bw'izindi nyamaswa, izumvisha ko all ibinyabwoba kandi bya «nyamujiyobilya».

30.7. Imyitozo.

— Abanyeshuli babwirane imigani cyangwa ibitekerezobya ababwoba b'abantu cyangwa bw'inyamaswa butewe n'ubusabusa. — Gushaka amazina all mull uyu mwandiko, kuvuga inteko yayo na ntera ziyaherekeje.

31. ISAZI N'URUYUKI.

31.1. Gusobanura amagambo

Kwagika : kumanika umutiba mu giti kugira ngo inzuki zizawinjiremo zikore ubuki.
 Urwega : ahantu hagitse imitiba myinshi.
 Umuvumvu : umuntu ufite imitiba myinshi.
 Umuzinga : umutiba wagitse akaba all wo uzahakurwamo ubuki.
 Kugira ipfunwe : kugira isoni, ukabura icyo uvuga, ukagwa mu kantu.
 Guhova : Gutara kw'inzuki.
 Ukaba utabwira : ukaba utabureka, utabwibuza, utabwitesha.

31.2. Kumva ibyasomwe.

1) Uruyuki rwabwiranye isazi uburakall kubera iki?
 — Ngo isazi ni udusimba tubi tutagomba kwivanga n'abamikazi bo mu kirere.
 2) Isazi yumvise ayo magambo yamerewe ite?
 — Uburakall
 — Ubugome
 4) Vuga akamaro k'inzuki?
 5) Kuki tugomba kwihinda isazi?
 6) Nyamwirukira gushimwa buliya yumvise ameze ate?

Mwalimu akoreshe iyandikisha kull uyu mwandiko, abanyeshuli bishyillire utwatumaze dukwiye mu nteruro.

31.3. Iyandikisha.

32. UMUNYESHULI MWIZA

32.0. ILIBULIRO

Uyu mwandiko twawita impamyaburezi kuko ubwiza umunyeshuli imigambi myiza akwiye kugira ngo yige bikwiye. Mwalimu nawitarallike awucengeze mu banyeshuli. Ndetse ubwo all mugufi, nibamara kuwiga bazawufate mu mutwe.

Mbere yo kwigisha uyu mwandiko, Mwalimu yabanza akaganira n'abanyeshuli uko babona ubwabo umunyeshuli mwiza. Abanyeshuli basome bucece uyu mwandiko, nibasangamo amagambo akomeye bayandike mu makaye yabo bayasobanuze bakimara gusoma umwandiko bwa mbere. Ibyo nibirangira, Mwalimu asomere abanyeshuli neza, babone na bo gusoma umwe umwe.

32.1. GUSOMA

32.2. GUSUBIZA IBAZO.

- a) Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko?
— Umunyeshuli mwiza.
— Uyu mwandiko uratubalira inkuru?
— Oya, uratubwira imyifatire y'umunyeshuli mwiza.
c) Ngo ni iki cyerekana umunyeshuli mwiza?
— Yiga ashyizeho umwete.
— Yinda ubukubagany!.
— Ahorana isuku.
— Abana neza n'abandi.
— Akunda igihugu.
— Atasha ababyeyi imillimo.
d) Abarezi b'umunyeshuli ni bande?
— Ababyeyi be
— Abalimu
— Abamubwiziza gukora neza no kwifata neza, agakura akora neza.
e) Ni zihe mpamvu zituma umunyeshuli asibira?
— Gusiba kenshi
— Gukerwa
— Kurangara mu ishuli
— Kudasubira mu byizwe.
— Umuntu yifata neza ate?
f) — Ahora akeye
— Ahorana ikinyabupfura.

g) Intego y'umunyeshuli ni iyihe?

- Gushimisha abamurera
- Kwigilira akamaro
- Kuzavamo umuturage mwiza.

h) Ishuli lidufitiye kamaro ki?

- Litwigisha indimi, imibare, kwandika, imyuga n'ibindi byinshi maze tukajijuka.

i) Ishuli ligirwa n'iki?

- Inzu
- Mwalimu
- Abanyeshuli
- Ibyigisho
- Imfashanyigisho.

32.3. INYUNGURAMAGAMBO

Simbuza amagambo yanditse mu nyuguti nini andi avuga kimwe na yo, kandi all mu mwandiko.

a) Ibigaraza umunyeshuli mwiza ni byinshi.

- b) Tujye twiga dushyizeho umwete.
- c) Mbe sha ntwimutse?
- d) Twitarallike amajyambere y'igihugu cyacu.
- e) Guhesha icyubahiro abakubayeye, ntako bisa.
- f) Nugera imuhira, wiyibutse ibyo twize none.
- g) Baliya bagabo bashimwa na pose kuko nta buhemu

h) Nkunda ko udakubagana mu ishuli.

- i) Nuzura na bagenzi banjye bose.
- j) « Rwanda rwacu » urayizi?

a) ibiranga

- ibyerekana.
- b) tujye dushishikallira kwiga
- c) warasibiyeye?
- d) duhagurukire
- duharanire

twite ku

- e) kubahiliza
- f) usubire mu byigisho by'uyu munsu
- g) all indahemuka
- h) witonnda
- i) mbana neza
- j) indilimbo yubahiriza igihugu cyacu.

32.4. Kuvuga.

- a) Abanyeshuli batate mu mutwe uliya mwandiko.
- b) Umunyeshuli abwire bagenzi be imillimo y'imuhira akora mbere yo

Kuja mu ishuli cyangwa se atashye.

32.5. Kwandika



- a) Mwalimu yandikishye abanyeshuli uliya mwandiko bagaze ku ijamba « abandi ».

Mwalimu asomere abanyeshuli umwandiko inshuro eshatu. Ku nshuro ya mbere abanyeshuli batege amatwi. Ku ya kabiri bandikie buii nteruro umwaimu amaze kuvuga, ku ya nyuma barebe niba nta magambo bagiyeho. Hakuliikireho ikosora. Guca umurongo ku makosa si byiza. Ahubwo ukosora yashyira akamenyetso iruhande rw'interuro ilimo ikosa, nyiralyo akalyikosora. Iyo adashoboye kulyibonera ni bwo balimwerekako. Abanyeshuli bahimbe umwandiko mugufi ujya gusa n'ubwo bamaze kwiga, uvuga uby'umunyeshuli mubi: imugo ye, imyatire ye ku mubiri, mu ishuli, imuhira, imibanire ye n'abandi.

32.6. IKIBONZAMUGO

Ibigamiye: Kumenya ibigize interuro. Gukoresha ibihe bikuru by'inshinga.

Duhere kuli iyi nteruro:
Umunyeshuli mwiza akunda igihugu cye. (1)
Iyi nteruro mpamya igizwe n'amagambo twashyira mu byiciro bibiri: — izina nibiliigaragiyeho (urujyano rw'izina) — inshinga n'ingwiza (soma nka « abantu ») zayo (urujyano rw'inshinga, ibiyuzza).



- a) Ni ruhamwa. Ruhamwa ishobora kuba izina, isimbura, inshinga, interuro yose. Ni ijamba lhamwa n'igikorwa cyangwa n'imimerere bivugwa n'inshinga.
- b) Inshinga n'icyuzuzo. Inshinga yerekana icyo ruhamwa ikora; icyuzuzo kikiyongera ku nshinga, kikayuzuzza. Ugize uti «umunyeshuli akunda» bakubwira bati « ntibuzuzuye tubwire icyo akunda. » Inshinga ishobora no kugira icyuzuzo kibanzizwa n'utugambo tughuza n'inshinga. Umunyeshuli mwiza akundishwa igihugu cye n' ababyeyi.

(2)

Ibihe bikuru by'inshinga

Duhereye kuli iyi nteruro: Umunyeshuli mwiza arasoma. (3)
Iyi nteruro ili mu gihe cy'ubu cyitwa **indagihye**. Ntiwayongeraho rero amagambo yerekeye igihe cyahise (impitagihye) cyangwa se kizaza (inzagihye) ngo ibe igitunganye. Interuro nk'izi ntizibaho mu kinyarwanda: Umunyeshuli mwiza arasoma mu kwezi gushize. Umunyeshuli mwiza arasoma mu gitaha.

Inshinga « akunda » yo mu nteruro (1) cyangwa « arasoma » yo mu nteruro (3) zili **mu ndagihye** y'ikirango, ng. 3 y'ubumwe. Tugaruke ku nteruro (1, 3) maze tuzishyire mu gihe kizaza aho cyo

Inzagihye:

- (4) Umunyeshuli mwiza azakunda igihugu cye
- (5) Umunyeshuli mwiza azasoma.

Tuzishyizemo amagambo ajyana n'indagihye cyangwa n'impitagihye. Mu myaka ishize umunyeshuli mwiza azakunda igihugu cye. Ubusanzwe umunyeshuli mwiza azasoma.

B. Guhimba interuro cumi n'eshanu zifite inshinga zili mu ndagihwe, eshanu zifite inshinga zili mu mpitagihe, zindi eshanu zifite inshinga zili mu nzagihwe.

Inshinga « azakunda » na « azasoma » zili mu nzagihwe y'ikirango ng. 3 y'ubumwe.

Noneho dushyire interuro (1, 3) mu mpitagihe:

Umunyeshuli mwiza yakunze igihugu cye. (6)

Umunyeshuli mwiza yarasomye. (7)


Izi nteruro ntawazongeramo amagambo ajyana n'indagihwe cyangwa inzagihwe ngo zibe zikiri inyarwanda.

Uyu muni umunyeshuli mwiza yarasomye.

Mu minsi itaha umunyeshuli mwiza yakunze igihugu.

Inshinga « yarasomye, yakunze », zili mu mpitagihe y'ikirango ng. 3 y'ubumwe.

Umusozo: Kuli uyu murongo ndangabihwe ibihe bikulikirana bitya.:



Impugukirwa: Inshinga « nakunze » (kera), narakunze (kera) ni impitakera;

« Nakunze » (uyu muni kare) ni impitakera.

Impitagihe rero ni impitakera n'impitakera.

« Nakunze, nasomye » (kera) zigomba icyuzuzo.

« Narakunze, narasomye » (kera) ntizigomba icyuzuzo, twazita ndekacyuzuzo.

32.7. IMYITOZO

A. Sesengura izi nteruro:

1. Sumuhanuka yabeshye umuhungu we.
2. Ibijumba bito nibihaza abana.
3. Nzagura utubindi dutatu.
4. Nahaye ibigoli mugenzi wanjye.
5. Ino miti irashalira.
6. Baragiye Gahigi ihene zabo.
7. Murema yoherereje Kalinda ibitabo ?
8. Abanyeshuli bazatega amatwi Mwalimu.
9. Abana bubaha abakuru.
10. Gatsinzi yaguzwe imodoka nziza.
11. Twakoze.
12. Mwaratsinze mwese.

33. IKIGANIRO CYA KALIMA NA MUGENZI

33.1. Ibiganijwe

1. Gusoma umwandiko
2. Inyunguramagambo
3. Kumva ibyasomwe
4. Kuvuga
5. Imyitozo y'ikibonezamvugo.

33.2. Ivumburamatiko

- Kuganira ibyerekeye ibihingwa ngandururugo n'ibyingwa-bukungu bihingwa ku mirenge abanyeshuri batuyeho.
- Kuvuga uko ubutaka buhingwa bugomba gutatwa kugira ngo abahinzi bazagere ku musaruro utubutse.
- Kuvuga indwara zikunda kuboneka mull ako karere n'uko baziranya.

IBIBAZO

- Ibihingwa ngandururugo uzi ni ibihe? bihingwa bya? ibyereka amezi angaha?
- Vuga ibihingwa imusoz n'ibihingwa mu kabande?
- Kugira ngo umuhinzi azagere ku musaruro utubutse, agomba gukora iki?
- Vuga indwara uzi zikunda kuboneka ku murenge utuyeho?
- Indwara iyi n'iyi imenyekana ite?
- Iyo umuntu arwaye yitabaza iki? Yitabaza nde?
- Uduzimba uzi twangiza imyaka ni nk'utuhe?

33.3. Inyunguramagambo

- Guca akenge : gutangira kujijukirwa n'ibyo ubona cyangwa wumva.
- Ibintu bikadogera : ibintu bigacika, abantu bakabura icyo berekera.
- Amapfa : ibura iy'imvura, hanyuma izuba ligacana cyane.
- Ikagwa ali urudaca : ikagwa idahita.
- Uruhendahendero : igoragoza, igerageza.
- Kuyogoza : kwangiza, konona.
- Inzige : udukoko tuguruka tulya imyaka, dusa n'ibihore (bishobotse zakwerekanywa ku gishushanyo).

Kugoboka : gutabara, gutasha, gushyigikira.

Impuguke : umunyabwenge, umuhanga, umushaka-shatsi.

Indwara y'icyorezo : indwara itera, igafata abantu benshi.

Ubushita : indwara ifata uruhu rw'umubili wose, isa n'ibihara.

Ibinyoro : indwara ifata uruhu rw'umubili ugasanga umubili ari ibisebe bisa.

Mugiga : indwara ifata umuntu, ikamwica vuba icyo atavuye.

Limwe na limwe n'icyo akize, asigarana ikimenyesho bita ubusembwa nko kutumva no kutavugana neza...

Amaseke : indwara itera umuliro, kandi uyirwaye agakorora, akameneka umutwe, agacika umugongo n'ibikanu.

Amacinya : indwara yo mu nda ihitisha, uyirwaye yituma amaraso.

Intambara y'ubutisa : intambara zidahosha, zidasiba.

Impugukirwa: kugira ngo isomo lirushaho kumvikana Mwali mu azagerageza gushaka amatoto cyangwa ibishushanyo by'abarwaye zillya ndwara kugira ngo isomo lyumvikane kurushaho.

33.4. Gusoma

- Gusomesha bucece abanyeshuri bashaka andi magambo atasobanuwe.
- Umwali mu abanze asomere abanyeshuri uyu mwandiko aranguruye iwiri na bo bakulikira mu bitabo byabo.
- Gusomesha abanyeshuri babili, umwe abe Kalima, undi abe Mugenzi, babigire bakuranwa n'abandi kugira ngo hashobore gusoma benshi.
- Uyu mwandiko uzatwawe mu mutwe. (Umunyeshuri umwe azabere Kalima, undi abe Mugenzi).

33.5. Kumva ibyasomwe

1. Kalima na Mugenzi ni abahungu bateye bate? Igisubizo?
2. Ikibazo cya mbere Kalima yabajije Mugenzi ni ikihe? Igisubizo?
3. Ikibazo cya kabiri? Igisubizo?
4. Inzara iterwa n'iki mu gihugu?
5. Kuki nta nzara igitera mu Rwanda nka kera?
6. icyatumaga Abanyarwanda batiyongera cyane nk'ubu ni iki?

Ibibazo bitera gutekereza.

1. — Umuntu amenya ate ibivugwa mu gihugu cye cyangwa ibivugwa mu bindi bihugu?
2. — Kuki Abanyarwanda bakomeza kwiyongera cyane?
3. — Inkulikizi y'ubwiyongere bw'Abanyarwanda ni iyihe?
4. — Indwara zikunda kwibanda iwanyu ni izihe?
5. — Inzara twayirwanya dute?
6. — Ese hari akalima k'akihahiko ufite iwanyu?
7. — Uhingamo iki? Imyaka usaruyemo uyikorasha iki?
7. — Indwara muzi zanduzza ni nk'izihe?

33.6. Kuvuga

- Abanyeshuli bazasoma kenshi uyu mwandiko kandi bose, hanyuma bawufate mu mutwe, hakulikikireho umwitozo w'ikiganiro cy'abanyeshuli babili babili, umwe Kalima undi Mugenzi, bazabikora bakuranwa kandi buhambaye agomba kuvugira uruhare rwe.
 - Mwalimu atashye abanyeshuli guhimba akaganiro kerekeye kongera umusaruro.
- Nibamara gushyikira ingingo bazibayaze umwandiko mugufi.

33.7. Imyitozo

- Mwalimu azatanga imyitozo inyuranye y'isubiramo yerekeye: izina bwite n'izina rusange,
- ubumwe n'ubwinski
 - uturemajamba
 - inteke zamazina
 - ntera
 - inshinga
 - interuro n'ibihwe bikuru by'inshinga.